

INYIGISHO YA BURI MUNSI
IJAMBO RYAWE RYA BURI MUNSI

IGICE CYA

4

Ukwakira - Ugushyingo - Ukuboza

2025

Inkuru Nziza

BURI MUNSI

NTA KIGUZI


KUGURISHWA NTIBYEMWE

IYI NYIGISHO YAMAZE
KWISHYURWA
N'ABAFATANYABIKORWA
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU
BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera
zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

Uebert & BeBe
ANGEL

UEBERT NA BEBE ANGEL



NHamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo.

Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ni igikoreshe gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri muni w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri muni bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiyeye ku nyigisho zizana impanduka ndetse ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka buri mezi ane, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bese ku isi yose.



Kuwa Gatatu, Ukwakira 1

KUBITSA MU MWUKA

Mariko 1:35

Nuko mu museke arabyuka, arasohoka ajya mu butayu asengerayo

Nk'uko sisitemu ya banki ikora, ntushobora kubikuza amafaranga utigeze ubitsa. Iyo umaze gufungura konti, ugomba kubitsaho kenshi mbere yuko ubasha kubikuzaho. Mu byukuri umuntu udafite konti ntashobora kubikuza.

Ibi ni nako bigenda mu isengesho. Iyo dusenga, tuba tubika ibintu by'umwuka. Yesu yajyaga asenga amasaha menshi hakiri kare mu gitondo, ariko mu ruhamye, yirukanaga abadayimoni n'indwara bimworoheye. Konti ye y'amasengesho yari yuzuye. Nk'uko Bibiliya ibivuga, ahantu he h'ibanga n'aho yabitsaga, naho umurimo we wo mu ruhamye ni ho yabikurizaga, bikazana ibitangaza bifatika.

Fata umwanya wo gusenga mbere y'uko utangira umunsi wawe. Nuko igihe usohotse ugiye hanze, uzajya uba urimo kubikuza, kandi ubuhamya buzakurikira mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Banki yanjye y'umwuka iruzuye. Isi izansubiza binyuze mu mbaraga z'amasengesho yanjye, mu Izina rya Yesu Kristo, Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abatesalonike 5:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365:

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Obadiya 1:10–21; Yona; Mika 1–3



Kuwa Kane, Ukwakira 2

KURAHU IBIRANGAZA

Yohana 18:37

... Iki ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi: ni ukugira ngo mpamye ukuri, uw'ukuri wese yumva ijwi ryanjye.

INTUMBERO n'imbaraga zikugeza k'ubutsinzi. Iyo umwete wawe udafite aho uhurira n'ibikurangaza, mu byukuri uzagera ku ntego zawe. Ugomba kumenya impamvu uriho. Ntabwo wavutse gusa ngo wuzuze umubare, ahubwo wavukiye kugira ingaruka nziza ku Bwami bw'Imana, muryango wawe, ku kazi kawe, no kurenza ibi byavuzwe. Umwanzi anyeganyeza ubuzima bw'abantu badafite intego, badafite intumbero, badafite urufatiro ruhamye mw' Ijambo ry'Imana.

Yesu yavuze ko yavukiye guhamya ukuri. Yabayeho ku mpamvu imwe gusa, atari nyinshi. Uyu muni, hitamo kwibanda ku bintu bifite agaciro. Ku kazi, shyira imbaraga mu bifite umumaro. Wite ku mibanire ifite icyo ivuze gikomeye. Ntuzemerere umwanzi kukuyobya ngo uteshuke ku muhamagaro wawe anyuze mu birangaza. Bikureho ibikurangaza binyuze mu nyigisho nzima, n'intumbero. Niba wizera iri jambo, jyendana na ryo, maze uzagaruka ufite ubuhamya.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Navukiye gutsinda, kunesha no gutera imbere mu buryo bwose. Sinzigera ndangazwa n'umwanzi, kuko nashyizwe mu nzira ngomba kunyuramo mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Mariko 11:23

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mika 4-7; Nahumu 1-2

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukwakira 3

GUCECEKESHA URUSAKU

1 Abakorinto 14:10

Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.

Ecouteur zicecekesha amajwi (noise-cancelling earphones) zikora mu buryo bwo guhindura amajwi atifuzwa, zikayatanga mu buryo buhinduwe (inverse) kugira ngo ziyacecekeshe. Uko niko bigenda no mu mwuka. Isi yuzuye amajwi atandukanye, kandi nk'uko Bibiliya ibivuga, buri jwi rifite icyo rivuze. Hari amajwi agutwara imbaraga, agakuyobya mu nzira. Ayo majwi mabi ashobora kuza binyuze mu ndirimbo, inyigisho zica intege, cyangwa ibiganiro byangiza.

Ijambo ry'Imana ni ryo dukoresha mu mwuka mu gucecekesha amajwi mabi. Isi ishobora kuvuga ngo "hariho kugwa," ariko wowe uvuge uti "hariho kuzamurwa." Subiza buri jwi ryose ritari iry'Imana ukoresheje ukuri kwayo. Nubwo havugwa ibihe bibi by'ubukene, wowe n'umuryango wawe muhitemo kutabigiramo uruhare. Uri intumwa y'ijuru, ibyo ukeneye si isi ibiguha, ahubwo bikomoka mu yindi si. Halleluya!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndacecekesha buri jambo ryose ribi ririmo kwinjira mu matwi yanjye rivuga ko ntazabigeraho. Nshikamye mu Ijambo ry'Imana, kandi ndagaruka mfite ubuhamya mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yobu 22:29

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Nahumu 3; Habakuki 1–3; Zefaniya 1:1–13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukwakira 4

IMIBARE Y'IMANA

2 Timoteyo 2:15

Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.

Hariho ibikorwa bine by'ibanze mu mibare: kongera, gukuramo, kugabanya, no gukuba. Muri byo, kugabanya ni ko konyine kwizeza ibice bingana. Ni yo mpamvu Bibiliya ikoresha ijambo “kugabanya” igihe ivuga ngo, “ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.” Ni imibare, bavandimwe.

Ijambo ry'Imana rigomba kugabanywa neza mu gice cyose cy'ubuzima bwawe. Ukeneye ubuzima bwiza kimwe nk'uko ukeneye amafaranga. Nuko rero, ntukite ku gice kimwe ngo usige ibindi inyuma, kuko byose ubikeneye. Igaburire byanditswe byera bikubiyemo ibyiciro byose by'ubuzima. Tegura igihe cyo kwiga ibice bitandukanye by'Ijambo ry'Imana maze wubake indyo yuzuye yo mu buryo bw'umwuka. Ndahanuye kandi ndatangaza ko buri gice cy'ubuzima bwawe kigiye gushisha mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndavuga ubuzima mu bukungu bwanjye, mu magara yanjye, mu myigire yanjye, mu mibanire yanjye n'abandi, no muri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Nta kintu cyiza nzabura. Nahawe umugisha urenze urugero, mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Petero 1:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zef. 1:14–3:20; Hag. 1–2; Zek. 1:1–11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukwakira 5

IMYITWARIRE N'UBUDASHYIKIRWA

1 Abakorinto 15:31

Ndabarahira yuko mpora mpfa uko bukeye

Imyitwarire yawe ni yo igena urwego ugeraho. Ubudashyikirwa ugera ho muri ubu buzima bushingiye ku myitwarire yawe. Imyitwarire mibi ni isoko y'umubano mubi, inzika n'uburakari. Intumwa yaravuze iti: “mpfa buri muni,” bivuze ko kamere y'umubiri ifite imiterere yo kwerekeza mu kibi. Umubiri ushaka kumvwa, gutsinda impaka, no gukurikira ibyifuzo by'ubusa.

Uko usoma iri jambo ry'ubuhanuzi, fata icyemezo cyo gushyingura buri myitwarire mibi. Uyimenye. Uyihangare. Wibwire uti: nshyinguye iyi myitwarire mibi, ndayiretse. Iyo myitwarire igutesha umutwe, ikagusubiza inyuma, uyu muni uyishyireho iherezo, uyishyingure burundu. Hari ejo heza n'ahazaza hagutegereje, ariko imyitwarire mibi ishobora kwonona ibyo Imana yakugeneye. Wavutse kugira ngo utsinde nuko rero, ikureho imitwara yose mibi, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Niyambuye imyitwarire mibi yose yibaga ibyishimo byanijye, amahoro yanijye n'intsinzi yanijye. Nshyize iherezo ku masezerano y'umwanzi ku buzima bwanjye mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abafilipi 4:4

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zechariya 1:12–7:14

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukwakira 6

AMAJWI Y'UBUHANUZI

1 Petero 4:11

Umuntu navuga avuge nk'ubwirijwe n'Imana, nagabura ibyayo abigabure nk'ufite imbaraga Imana itanga, kugira ngo Imana ihimbazwe muri byose, ku bwa Yesu Kristo nyir'icyubahiro n'ubutware, iteka ryose. Amen.

Ururimi rwawe si urwo kumva uburyohe bw'ibiryo gusa; ni igikoresho cy'Imana cyo gushyiraho ejo hazaza ushaka. Urupfu n'ubugingo, intsinzi no gutsindwa, byose biri mu bushobozi bw'ururimi. Nuko rero, ukoreshe ururimi rwawe neza, maze wubake ejo hazaza ushaka.

Mu murimo wacu, Imana yaduhaye umwitero w'ubuhanuzi, ariko lbyanditswe bitubwira ko umukristo wese akwiye kuvuga nk'umuhanuzi, nk'ubwirijwe n'Imana.

Uyu muni, akira uku kuri: ntugomba gutegereza undi muntu. Vuga nk'umuhanuzi ku buzima bwawe bwite. Reka abandi bumve ko uburyo uvuga bwahindutse. N'iyi ibintu bitameze neza, vuga ibyiza. "Kubura amafaranga" ntibiri mu magambo yacu. Atura umwuzuro, amahoro, n'intsinzi. Byatuze kanwa kawe, maze uzanye imbuto z'amagambo yawe. Haleluya!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ururimi rwanjye ni ikaramu y'umwanditsi witeguye. Ineza n'imbabazi bizambara umugabane iminsi yose y'ubuzima bwanjye. icyo nifuzwa cyose, cyaremejwe, namaze kugihabwa mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 45:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zekariya 8–13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukwakira 7

HAGARARA NK'INYUBAKO NDENDE

Yohana 10:17

Igituma Data ankunda ni uko ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane.

Nk'umubyeyi cyangwa umuyobozi, ukunda abana bawe by'umwimerere kuko ari abawe. Ariko hari ibintu bimwe nko kumvira, ubwenge, cyangwa umwanya yavukiyeho bishobora gutuma urukundo ruba rwinshi kurushaho. Muri iki gice, Yesu aduha indi mpamvu itandukanye yatumye Se amukunda. Twari kwitega ko avuga ko ari uko yigisha cyangwa akora ibitangaza, ariko we aravuga ati: “Ni uko ntanga ubuzima bwanjye kugira ngo mbusubirane.”

Imana ikunda abanga kuguma hasi. Mu isi yuzuye gutotezwa, gutenguhwa n'iterabwoba, haguruka nk'inyubako ndende, ikomeye kandi itanyeganyega. Ba urugero rw'umuntu udacika intege. N'iyi waba wumva waratsinzwe, waracitse intege cyangwa waratengushywe, wibwire uti: “Iyo nshyizwe hasi, singuma hasi, ndongera nkazuka, nkazamuka!”

Guhera uyu muni, nta kibazo kizongera kugushyira hai. Uri guhaguruka mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze gushyirwa hasi n'ibibazo byanjye cyangwa inkomoko yanjye. Ndahaguruka nk' ihembe ry'imbogo. Ubuzima bwanjye burarinze cyane kandi burashyigikiwe mu Izina rya Yesu. Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 4:20–21

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zekariya 14; Malaki 1–4

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukwakira 8

IMYITWARIRE ITANDUKANYE

Abaroma 12:2

Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

Turi mu isi aho gutandukana n'abandi bifatwa nabi. Abenshi baharanira kwishushanya, gushimwa no gushimisha abantu aho gushimisha Imana. Ariko Imana iri kuzamura abantu, batemera kubaho nk'uko isi ibigena, abantu badakeneye ishimwe ry'isi cyangwa kwemerwa n'ab'isi. Bibiliya iratwibutsa ko tutari ab'iyi si, nk'uko Yesu nawe atari uw'iyi si.

Kuba ikintu cyakirwa na benshi ntabwo aribyo bituma kiba ari cyo. Reba Daniyeli, yahisemo inzira itandukanye. Mu gihe abandi baryaga ibiryo by'ibwami, we yahisemo kwitandukanya no kubaha Imana, agahitamo kurya mu buryo butandukanye.

Turi abantu bakurikira imyitwarire itandukanye n'iyi mu isi . Ntitwishushanya n'iyi si. No gutekereza kwacu kwarahindutse, kuko imitekerereze yari muri Kristo ubu iri muri twe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sindi uw'iyi si. Naratandukanijwe ngo nuzuze imigambi yera y'Imana. Ndi itara rimurika imbere y'abantu ku bw'icyubahiro cya Data uri mu ijuru. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 15:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 1–4

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ukwakira 9

NI NDE URI KUMWE NAWWE?

2 Timoteyo 4:11

Luka ni we wenyine ukiri kumwe nanjye. Shaka Mariko umuzane, kuko angirira umumaro wo kunkorera

Mu buzima, hariho amoko atatu y'abantu: abaza bafite impamvu, abaza baje kuguha isomo, cyangwa abaza bigihe gito runaka. Nahuye n'abo bose. Abaza bafite impamvu bagufasha gusohozza inzozo zawe. Abaza mu gihe runaka baba baragenwe n'Imana ngo bagufashe muri icyo gihe. Hanyuma hari n'abaza bakaza ari abo ku kwigisha isomo ryaba ryiza cyangwa ribi, rimwe na rimwe binyuze mu bubabare ugomba kuba umunyabwenge kurushaho.

Intumwa Pawulo yaravuze ati: Mariko amfitiye akamaro. Yari umutungo w'ingirakamaro. Yazanye ituze aho kuzana ububabare cyangwa umutwari. Uyu muni ndagusengera ngo Imana ikoherereze abafasha b'Imana baza bafite impamvu, kandi ndagusengera ngo ujye ugendera mu bwenge butunganye bwo kubamenya abagufitiye umumaro boherejwe n'Imana no kubakira neza. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntegetse ko abafasha banjye bo gushyigikira inzozo zanjye baza bava impande zose. Ndarandura imbuto zose z'imbaraga mbi zatewe hafi yanjye, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 3:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 5-7

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukwakira 10

AMAFARANGA AFITE INTEG0

Zekariya 1:17

“Ongera urangurure uvuge uti: Uwiteka Nyiringabo aravuga ati ‘Muzabona imidugudu yanjye yongeye kuzura ibyiza biyisaguke, Uwiteka azongera kumara i Siyoni umubabaro, kandi azongera guhitamo i Yerusalemu.’ ”

Ubutumwa bwiza ni ubuntu, ariko uburyo bukugeraho si ubuntu. Ku bw’ubuntu bw’Imana, tuyobora umurimo w’amamiriyari y’amadolari, tugaburira abashonje, twohereza bamwe ku ishuri, takandika tukanacapa ibikoresho byo kwamamaza ubutumwa, ndetse tukanategura ibiterane by’ivugabutumwa rusange—ibi byose bisaba amafaranga. Ushobora kuba usoma ubu butumwa bw’ubuhanuzi ku buntu, ariko hari uwabwishyuye ngo bubashe kukugeraho.

Ubwami bw’Imana bukenera imitungo kugira ngo butere imbere. Ni yo mpamvu Imana ishaka ko utera imbere mu bukungu. Yaravuze iti: “Imidugudu yanjye izagwira ku bwo kugira ibintu byinshi.” Uko uri kubaka isi y’ubukungu nawe, ntubikore ku mpamvu yo kwikunda reka amafaranga yawe agire intego. Hari umuntu ugomba kurya kubera ko Imana yaguhaye amafaranga. Hari aho urusengero rugomba kubakwa kubera kugubwa neza kwawe.

Akira amafaranga y’umugisha uyumunsi. Amafaranga araje!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amafaranga yanjye araje! Nunguka umutungo ugirira akamaro Ubwami bw’Imana. Inzugi zose zanjye zirakingutse ngo nakire umusaruro, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 3:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Matayo 8:1–10:15

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukwakira 11

IYEREKWA

1 Ngoma 26:18

Kandi i Parubari h'iburengerazuba babaga bane ku rutindo, na babiri i Parubari.

Iyerrerwa cyangwa inzozo zibo ushaka kugeraho nibyo bigusunikira kugera kuri buri kintu. Bibiliya iravuga iti: “Ahatari iyerekwa, abantu bararimbuka.” Ibyo ntibivuze gusa gupfa ku mubiri, ahubwo ni ugupfa kwa buri kimwe ukoze. Iyerekwa riyobora imbaraga zawe zikerekeza ku ntego runaka n'ibyo wifuza kugeraho.

Reba iyi mirongo yo hejuru: benshi batekereza ko abarinzi bashyizwe ku miryango nyuma y'uko urusengero rwuzuye, ariko umuhanuzi yabonye mu iyerekwa ko abo barinzi bahagaze ku miryango kera, urusengero rutaratangira kubakwa. Nubwo waba utarubaka inzu yawe ubu, tekereza umuryango wawe utuye mu nzu y'igitangaza, konti yawe y'amafaranga yuzuye, umurimo w'Imana ukora uri gutera imbere. Ubushobozi bwawe bwo gutekereza ni bwo bushobozi bwawe bwo kurema.

Tekereza ku byo wifuza, ubishyire mu bikorwa, kandi uzaryoherwa n'imbuto z'iyerekwa ryawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Igikombe cyanyje kirasesekara. Mbayeho mu buzima bw'amata n'ubuki, nta kibura, nta cyangiritse. Imana iri kumwe nanjye, kandi sinzabura ikintu cyiza na kimwe. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 29:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 10:16–12:21

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukwakira 12

KUBOHOKA GUKOMEYE

Hoseya 4:6

“Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka.....

Abantu benshi batekereza ko kubohorwa ari igihe umuntu yigaragura hasi, akarira cyangwa akuruka mu rusengero. Ariko nimunyumve bavandimwe, kubohorwa nyako kubaho iyo ubujiji bwawe buhangawe kandi bugakosorwa. Ushobora kwigaragura hasi, ariko ugahaguruka ntacyaguhindutseho.

Satani yitwa “igikomangoma cy’umwijima”—“igikomangoma” bivuze uwambere, naho “umwijima” bivuga ubujiji. Satani ni we wa mbere wabaye injiji.

Hakana kubaho mu bujiji. Akira umucyo wo mw’Ijambo ry’Imana. Ijambo rizana umucyo wirukana umwijima kandi rigahindura imitekerereze yawe. Iyo ibitekerezo byawe bihindutse, uba ubohotse byukuri koko. Ubumenyi bushingiye ku Ijambo ni bwo butanga kubohoka kurusha ikindi cyose.

Igaburire Ijambo ry’Imana maze ubujiji buzaguhunga. Ubukungu bwawe, umuhamagararo wawe, ubuzima bwawe, n’ibindi byose bizatera imbere ubwo umucyo w’Ijambo uzaba winjiye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kubaho mu bujiji. Muri Kristo, narabohowe kandi sinzongera kuba umugaragu w’ubujiji. Imitekerereze yari muri Kristo niyo iri muri njye;Ubumenyi n’ubwenge buva bitema biva muri njye,. Mu Izina rya Yesu, Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 119:130

UMUKORO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Matayo 12:22–14:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukwakira 13

IBIREMWA BIDASANZWE

1 Petero 1:10

Abahanuzi bahanuye iby’ako gakiza barondora n’iby’ubuntu mwari mugiyeye kuzahabwa babishimikiye.

Nkiri muto, niyitaga “Eliya w’Umwirabura.” icyo gihe nibwiraga ko imbaraga za Eliya ziruta kure ibyo umuntu yageraho. Ariko Imana yatangiye kunyereka ukuri kurushijeho biciye muri iri jambo ry’uyu muni. N’abahanuzi nka Eliya bifuzaga cyane kumenya ibanga ry’agakiza ariko ntibahabwa ayo mahirwe. Byari birenze imitekerereze ya muntu kugira ngo abahanuzi ba kera bemere ko hazabaho ubwoko bushya bw’abantu, abantu Imana ubwayo izaturamo.

Mu Isezerano rya Kera, Umwuka Wera yazaga ku bahanuzi by’agateganyo kugira ngo bahanure. Ariko ubu, Imana yahisemo gutura burundu muri twe. Aba muri wowe kandi aba muri nje. Ibi bivuze ko turuta Eliya cyangwa Yesaya. Hamwe niri hishurirwa, jya imbere utsinde isi ukoresheje imbaraga z’Umwuka Wera. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kristo uri muri nje niwe byiringiro by’ikuzo ryose. Ndi inzu y’imbaraga zidasanzwe, kandi ibijyanye nanjye byose biri guhinduka ku bw’ikuzo ry’Imana, mu Izina rya Yesu. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 11:39-40

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Matayo 14:13–17:13



Kuwa Kabiri, Ukwakira 14

ITORERO RYANESHEJE

Abaroma 8:37

Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze

Hari amoko atatu y'amatorero cyangwa Abakristo: abatsinzwe, abarwana, n'abanesheje. Itorero ryatsinzwe ntiriyamenye uburenganzira bwaryo muri Kristo. Itorero rirwana rihora buri gihe mu ntambara n'abadayimoni, rishaka kubohoka. Ariko Itorero ryanesheje ryarenze uru rwego rwo kurwana, rikora rishingiye ku mitekerereze y'uhagaze ku mpinga abirebera hasi.

Abakristo banesheje ni abahinduwe rwose n'Ijambo ry'Imana kandi buzuye gusobanukirwa. Ntibakiri abashaka kubohoka, ahubwo ni abashaka kubohora abandi. Abo ni intwari z'Imana, bakomeye mu gusenga kandi baryohewe n'Ijambo ry'Imana. Kura ube Umukristo wanesheje. Ntaho uri umunyantege nke; uri intwari kugiti cyawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite imitekerereze y'uhagaze ku mpinga abirebera hasi; mbaho hejuru y'ibibazo by'ubu buzima. Ntabwo ndi uwatsinzwe cyangwa usaba kubohoka, ndi mu Itorero ryanesheje! Ndatara ko ububasha bwanjye muri Kristo bukora kandi bugaragara. Ngendera mu kuganza, nkayobora abandi mu bwigenge, kandi nshyira mu bikorwa intsinzi y'umusaraba muri buri gice cy'ubuzima. Ubukire bwanjye, amahoro n'imbaraga ntibihungabanywa mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 17:14–20:34

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukwakira 15

ITORERO

Matayo 16:18

Nanbye ndakubwira nti ‘Uri Petero, kandi nzubaka Itorero ryanbye kuri urwo rutare, kandi amarembo y’ikuzimu ntazarishobora.’

Itorero ni ryo mbaraga zikomeye kurusha ibindi byose mu isi. Bamwe mu bujiji bafata itorero nk’itsinda ry’abantu bagir ubwoba, barira basaba imfashanyo ku Mana. Ariko turenze ibyo cyane. Ijambo “Itorero” rikomoka ku Kigiriki “Ekklesia,” risobanura ihuriro ry’abantu bafata ibyemezo bya geverinoma. Itorero rifata icyemezo cy’uko ibintu bigomba kugenda mu bihugu.

Ibi bivuze ko hari imbaraga, ubushobozi, n’ububasha mu muryango w’Abakristo. Uri umwe mubagize akanama nshinga mategeko gakomeye kurusha izindi zose. Kuja ku rusengeru gusenga si umugenzo gusa; ni ahantu ejo hazaza h’ubuzima hatyarizwa, ni ahantu amategeko n’amabwiriza agenga isi ashirirwaho cyangwa agakurwaho. Ntukabe sibindeba; Ba umwe mubafata ibyemezo n’abahindura benshi kuri Kristo. Irukana abakwiriye kwirukanwa, ushyire mu myanya abakwiriye kuyijyamo. Wahawe ububasha bwo gutera no kurandura icyo ushaka cyose mu Izina rikomeye rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umwe mubagize itorero ry’Imana, Ekklesia, itsinda rikomeye ruyobora ku isi. Nshinga amategeko mu mwuka kandi nkashyira mu bikorwa umurongo w’Imana ngenderwaho mu mahanga. Amarembo y’ikuzimu ntazanesha mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 10:25

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: Matayo 21–22

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ukwakira 16

MINISITIRI W'IBYISHIMO

Abafilipi 4:4

Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose. Yewe, nongeye kubivuga nti “Mwishime!”

Inshingano y'ibyishimo byawe si iy'abandi bantu; ni inshingano wahawe n'Imana ubwayo. Umuntu wishimye ntakunze kwiheba, kurwara cyangwa guheranwa n'umubabaro. Ntuzigere ushinja abandi amakuba cyangwa ibibi bikubaho. Umwanzu ahora agushuka aguha impamvu yo gutsindwa akoresheje uburyo bwo gushinja abandi. Gushyira amakosa ku bandi ni uburyo bwa satani bwo kuguheza ahantu hamwe

Icyanditswe cy'uyu muni kiragutegeka ko wishimira mu Mwami. Kristo uri muri wowe niwe byiringiro by'ikuzo. Ibyabaye kera ntacyo bikivuze. Ihanagure amarira, hagarara wemye, kandi ukomeze ujye imbere. Ufite amasoko y'ubugingo muri wowe; reka atembe mu buzima bwawe bwose. Igaburire Ijambo ry'Imana, urumuri Rwayo ruzamurikira buri gice cyijimye. Subirana ibyishimo n'imbaraga zawe nonaha, mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye burinzwe n'imbaraga zo mu ijuru. Nanze kuba umunyantege nke, guceceka cyangwa umunyabwoba. Nta kintu na kimwe gishobora kunyiba ibyishimo. Mfashe uburenganzira bwuzuye bw'ibyishimo byanjye kandi ndarekura amasoko y'ubugingo ari muri jye. Ndishimira mu Mwami iteka ryose! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Nehemiya 8:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 23:1–25:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukwakira 17

ICUNGA MUTUNGO

Luka 16:11

Niba mutakiranutse mubikijwe ubutunzi bubi, ni nde uzababitsa ubutunzi bw'ukuri?

Ikintu cyose utitaho neza, Imana izakigukura mu maboko yawe. Nusesagura amafaranga, uzayavanwaho. Buri muntu ukize ni igihamya cy'uko acunga neza umutungo w'amafaranga Imana yamuragijwe. Bibiliya ivuga ko niba utabasha gucunga neza amafaranga, Imana itazakwizera ku mpano zo mu mwuka n'imigisha .

Fata icyemezo gihamye cyo gucunga ubuzima bwawe neza. Tegura gahunda y'igihe cyawe, uhaye ku masengesho kugeza ku mirimo, ubikorane ubwenge. Uhaye ku by'ingenzi. Cunga ibintu byose neza, maze Imana izagufasha kugira byinshi. Uko usoma ubu butumwa bw'ubuhanuzi, ubuntu bwo gucunga umurimo wawe, umuryango wawe, n'amafaranga yawe buramanuka kuri wowe.

IJAMBO RY'A GIHANUZI

Ubuntu bw'Umwami buri kuri jye kandi yampaye imigisha y'umwuka n'iy'umubiri. Nkorera mu bwenge bw'Imana no mu myifatire iboneye. Ncunga neza buri mutungo: igihe, amafaranga, umurimo w'Imana, n'imibanire n'abandi, byose mbikorana ubuhanga. Ndi umucungamutungo wizerwa, kandi ibintu birenze ibyo narimfite birimo kurekurwa mu maboko yanjye mu Izina rya Yesu. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 90:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 25:14–26:68

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukwakira 18

UTUWEMO N'IMANA

2 Abakorinto 4:7

Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe.

Kimwe mu makosa akomeye abantu bakora ni ukwemera ko nta gaciro bafite imbere y'Imana. Iyo Imana ikurebye, iba ibona Yo ubwayo. Intumwa Pawulo atubwira ko dutunze ubutunzi bukomeye mu mibiri yacu y'isi. Umubiri wawe ubitse ubutunzi bw'Imana, Imana ubwayo! Uri Imana ihishe mu muntu!

Uhereye none, tangira kuvuga no kubaho nk'umuntu utwaye Imana. Urenze cyane ibimenyerewe kandi gutsinda kwawe kwamaze kwemezwa. Nuvuga, uvugane ubutware, uzi neza ko uri umuvugizi w'Imana kandi ufite ububiko bw'ubuzima n'imbaraga muri wowe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi utuwemo n'Imana, imbaraga zayo ziba muri njye! Inzira zanjye n'imigambi yanjye ni imigambi y'Imana. Ntwaye ubutunzi bw'Imana, kandi ikintu cyose nkoraho uyu muni giha umugisha. Mvugana ubutware bw'ijuru, kandi nerekana ubuhangange bw'Imana mu byo nkoraho byose, mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 82:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 26:69–28:20

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukwakira 19

ABABYAWA N'IMANA

1 Petero 1:23

kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho.

Buri gihe mbwira abantu ko iyo uhaye umwanya mwinshi amateka yawe, urangira usubiye hasi. Abantu benshi bashakira impamvu yo gutsindwa kwabo bakabyitirira aho bakomoka cyangwa imivumo y'imiryango. Ariko iyo uje kuri Yesu Kristo, uba ikiremwa gishya, ubyarwa n'imbuto itabora, idashobora gufatwa n'umuvumo uwo ari wo wose.

Yobora ubuzima bwawe kandi ushyire Ijambo ry'Imana mu bikorwa. Reka uku ukuri kube mu mitekerereze yawe: uri uwo mu ishyanga ryera ry'abatoranyijwe n'Imana. Nta bukene, gutsindwa, cyangwa indwara bikiriho mu buzima bwawe mu Izina rikomeye rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Natoranyijwe n'Imana, naratandukanyijwe kandi nagizwe uwera ku bw'intego y'Imana. Nabyawe n'imbuto itabora, Singerwaho n'umuvumo cyangwa ibimpagarika. Mbaho hejuru y'imitegekere y'iyi si, nta bukene, nta gutsindwa, nta ndwara. Ngendera mu ntsinzi kandi gutsinda kwanjye kwaremejwe, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 2:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 1-3

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukwakira 20

AMAKURU ARUTA AGEZWEHO

1 Petero 1:12

Kandi bahishurirwa yuko batabyiyerekewe.....

Imana yaduhaye icyubahiro cyo kuba abanyamigabane bakomeye mu by'ubuhanuzi. Kubw'ubuntu bwayo, twatanze ubuhanuzi bwinshi—mpuzamahanga n'ubw'abantu ku giti cyabo—bwose bwarasohoye. Buri video y'ubuhanuzi dusohora izana niyi sinyature: “AMAKURU AGEZWEHO ARUTA AZASOHOKA MU KINYAMAKURU CY'EJO, TUBIBASHIJWE NA MWUKA WERA.” Kubera iki? Kuko kudahusha mu buhanuzi nku'uko bishoboka binyuze mu mbaraga z'umwuka w'Imana gusa.

Uyu murongo w'uyu munsu ugaragaza ko niba hari ukuri kwa none bivuze ko hariho n'ukuri kw'ahahise ndetse n'ukuri kw'ahazaza. Ikibabaje, ni uko Abakristo benshi babayeho mu kuri kw'ahahise. Ntibamenya ko gukira n'imigisha yose y'umwuka bamaze kubihabwa muri Kristo.

Iyo wubatse umubano ukomeye n'Umwuka Wera, agushyira ku murongo, akaguhishurira ibikwiriye, kandi akumenyesha amakuru mu bijyanye n'amafaranga yawe, umurimo w'Imana, ubucuruzi, n'andi masomo y'ubuzima. Ujye uha agaciro gusoma Ijambo no gusenga buri munsi, nawe uzaba “ufite agezweho kurusha amakuru yo mu binyamakuru by'ejo.”

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ahazaza hanjye hararinze, kuko ngendera mu bushake bw'Imana butunganye. Gutsindwa si umugabane wanjye. Nzakomeza kumenya icyo gukora, igihe cyo kugikora, n'uburyo bwo kugikora, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 37:23

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu mnsi: Mariko 4–5

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukwakira 21

ITSINDA RIBANZA IMBERE

Mariko 1:35

Nuko mu museke arabyuka, arasohoka ajya mu butayu asengerayo

Mbere y'uko umukuru w'igihugu cyangwa undi muyobozi ukomeye asura ahantu, itsinda ribanza imbere rijya kugenzura ko byose biteguye neza. Iryo tsinda rigenzura kandi rigakumira ibyago bishoboka. No mu rugendo rwacu rwo kwizera, natwe dufite itsinda riturinda ritubanziriza imbere, isengesho. Isengesho ni umuhango wo mu buryo bw'umwuka ujya imbere yacu ugatunganya inzira, ugakemura ibibazo byose bishobora kutuzitira.

Yesu yazindukaga kare agasenga, akohereza itsinda rye mu mwuka ngo rikureho imbogamizi n'indwara, mbere y'uko ahura nabyo. Isengesho ryamushyiraga mu ntsinzi mbere y'uko umunsi utangira. Fata umwanya wo gusenga ubu. Ohereza ingabo zo mu mwuka gutunganya umunsi wawe no kurinda inyungu zawe, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndohereza amasengesho yanjye mu ahazaza hanjye, inzira yanjye irarinzwe kandi ubuzima bwanjye buri ku murongo. Buri ntambwe nteye iba yarateguriwe intsinzi. Nshyira abamfasha bo mu mwuka mu myanya y'ingenzi, kandi nta nzitizi ibasha guhagarika imbaraga z'itsinda ryanjye rimbanziriza imbere. Ibitangaza byanjye byamaze kwemerwa, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Kuva 23:23

UMUKORO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Mariko 6–7

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukwakira 22

UBUTWARE BW'IJAMBO

Zaburi 138:2

Ndasenga nerekeye urusengero rwawe rwera, Nshimira izina ryawe imbabazi zawe n'umurava wawe, Kuko washyirishije hejuru ijambo ryawe kurisohozza, Ngo rirute ibyo izina ryawe ryose ryatwiringije.

Hari ikintu kimwe rukumbi Imana yaduhaye kugira ngo tubashe kuba twakimubwira akadukorera icyo dushaka cyose na sisitemu ze tukazakoresha icyo dushaka. Ntabwo dukoreshe Imana icyo dushaka tubikesha ubushoozi bwacu bwite ahubwo kuko Ariyo yabishyizeho gutyo. Nubwo Izina ryayo risumba ayandi yose mu ijuru no mu isi, hari icyo yashyize hejuru kurushaho: Ijambo ryayo.

Imana ikorera mu mbibi y'Ijambo ryayo, ntikorera hanze yayo. Zaburi 138:2 haravuga ngo "yashyize hejuru Ijambo ryayo kurusha Izina ryayo." Niwita ku Ijambo, uzabona imbaraga zo gukoresha icyo ushaka uburyo bw'imikorere yo mu mwuka. Senga ugendeye ku Ijambo Ryayo, amategako y'umwuka asunikira cyangwa atuma Imana ishyira mu bikorwa ibyo yavuze mu Ijambo ryayo.

Kurikira Ijambo, kandi uzagarukana ubuhamya.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana ni iry'ikirenga, ririhagije kandi rifite imbaraga muri kamere yayo. Nahisemo gukurikira Ijambo, kandi ubuhamya bwanjye bwamaze kwemerwa. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 8:1 – 10:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ukwakira 23

IMPANDA YA NYUMA

1 Abakorinto 15:52

Mu kanya gato, ndetse mu kanya nk’ako guhumbya, ubwo impanda y’imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora natwe duhindurwe.

Iyo Bibiliya ivuze “impanda ya nyuma,” bivuze ko hari izindi mbere yayo. Iyo mpanda ya nyuma izavuga mu gihe cyo gutwarwa kw’abera kandi ndagusabira kuzaba uri mubagenda rugikubita. Ariko niba hari impanda ya nyuma, ikibazo ni: izindi zabanje twarazumvise?

Bavandimwe, hari impanda nyinshi zivuga muri iki gihe turimo, ariko rimwe na rimwe turazirengagiza cyangwa tukazibagirwa. Ijambo tuvuga rihamagarira abantu kwitegura gutwarwa ni impanda ubwaryo. Inshuti yawe ikubwira ngo usenge, cyangwa uwo mwashakanye akaguhugura ku mubano utari mwiza ukwiye guhagarika izo nazo ni impanda. Tega amatwi impanda zose, kandi uzagera ku ntsinzi kugeza ku gutwarwa kw’abera ubwo Umwami azaguhamagara ngo ujye iwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka wanjye ni muzima kandi urakora; sinzabura kumva ijwi rifite icyo rivuze aho ndi hose. Ndazamuka, sinzongera kumanuka, mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Amosi 6:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Mariko 10:13–12:12



Kuwa Gatanu, Ukwakira 24

UMWUKA NK'UW'UMWANA

Luka 18:16

Maze Yesu arabahamagara ati “Mureke abana bato bansange, ntimubabuze kuko abameze batyo ubwami bw’Imana ari ubwabo.”

Waba warigeze kubona uko umwana muto yemera ibintu byose umubwiye? Niba umubwiye ko uri bujye guhaha ukazamuzanira indege nyayo, azagutegereza yizeye adashidikanya. Mu isi y’umwana nta gushidikanya kubamo ijambo ryose arifata nk’ukuri.

Ubwami bw’Imana si ubw’abantu bafite imitima ibiri, ahubwo ni ubw’abafite ukwizera nk’uk’umwana, abizera byuzuye ibyo Imana yavuze batanyeganyezwa n’icyo ari cyo cyose.

Ibintu by’umwuka ntibisaba ubwenge busanzwe, ntibyumvikana mu buryo bwa gihanga, ariko bitanga ukwizera. Kuraho gushidikanya n’imyumvire itari yo uyu muni, maze ukwizera kwawe kuzane ibisubizo mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umutima wanjye n’umwuka wanjye byiteguye kwakira imigisha yose Imana Ya nteganyirije. Nizerana ukwizera nk’uk’umwana nta gushidikanya cyangwa kujijinganya. Mpora niteguye kwakira kandi mbaho mfite ibisaga, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 5:14-15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Mariko 12:13–14:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukwakira 25

ISEZERANO RY'IMANA RITUNGANYE

Abefeso 1:23

Na ryo ribe umubiri we ushyitse kandi ushyikirwamo na byose.

Abantu benshi baracyaba mu kuri ko mu isezerano rya kera. Baracyari mu buryo bwo gutegeka amasezerano y'Imana ngo yigaragaze mu buzima bwabo. Ariko se koko, hari isezerano Imana yaduhaye? Ushobora kuba ufite ibitekerezo byinshi kubyo wizera ko ari amasezerano y'Imana, ariko ukuri ni uko kuri twe, abakristo bo mu Isezerano Rishya, nta rindi sezerano riruta Kristo ubwe.

Muri Kristo tubonamo imigisha n'amasezerano yose dukeneye. Ni we buzima bw'Imana bwose, ishusho yuzuye y'imigisha yo mu isi no mu ijuru. Iyo ufite Kristo, uba ufite byose! Rero, ni inshingano yawe gukoresha no kugaragaza imigisha Imana yaguheye muri Kristo.

Binyuze mu gusenga, gusoma Ijambo, no gukurikiza amahame ye, buri mugisha n'isezerano biri muri Kristo bizagaragara mu buzima bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kristo uri muri njye ni we byiringiro by'ubwiza bwose. Muri We, amasezerano yose yarasohojwe, n'imigisha yose yaruzuye. Nta cyiza nzabura mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 1:27

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 14:12–15:47

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukwakira 26

UBUTUNZI BUTABASHA GUCUKUMBURWA

Abefeso 3:8

Nubwo noroheje cyane hanyuma y'abera bese, naherewe ubwo buntu kugira ngo mbwirize abanyamahanga ubutumwa bwiza bw'ubutunzi bwa Kristo butarondoreka

Ibihugu hirya no hino ku isi birwana buri muni ku burenganzira bwo gucukura amabuye y'agaciro. Buri gihe habaho kuvumbura ibindi bisigaye byihishe mu butaka. Nyamara ibyo byose ni igice gito cyane cy'imigisha y'Imana iri ku isi. Bibiliya ivuga ubutunzi butabashwa gucukumburwa bwa Kristo, ubukire buhoraho budashira, bubonekera Muri We. Ubutunzi mu bice byose, burinda amagara ayawe, amafaranga yawe ndetse n'ibindi

Iyo wakiriye Yesu Kristo, si umuhango wo mu mwuka gusa, ahubwo ni impinduka yuzuye ijyana no kubaho mu buzima bwumuzuro no gusendera n'amahoro. Ndatuma kandi ndategeka ku uzima bwawe ko ikintu cyose wifuza kijyanye n'Ijambo ry'Imana uragihawe mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkywera ku masoko y'agakiza, kandi ibyanjye byose biguye ahantu heza. Ndavoma buri kintu cyose nkeneye kandi nshaka mu butunzi butabashwa gucukumburwa bwa Kristo. Isezerano ryose Imana yangeneye muri Kristo ni "Yego" na "Amen!"

IBINDI BYANDITSWE

2 Petero 1:3

UMKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 16; Luka 1

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukwakira 27

URENZE KUBA UMUNTU

2 Abakorinto 5:17

Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.

Urwego rw'umuntu ruroroshye ku buryo ruterwa n'ibyago byinshi bitandukanye, no gutsindwa. Imwe mu ntware nyamukuru umwanzi akoresha ni kukwibutsa ko uri umuntu gusa, wabyawe n'inyama n'amaraso. Iyo wemeye ibyo, uba utangiye kwegurira umwami w'iyi si, maze gutsindwa ukaba utabihagarika.

Ariko Ibyanditswe bitangaza ko uri icyaremwe gishya muri Kristo—urenze kuba uri umuntu.

Ijambo ry'ikigereki “kainós” risobanura ikintu gishya rwose kitigeze kibaho mbere. Wenda wakoze icyaha ejo cyangwa mbere y'amasaha make, ariko emera uku kuri gushyirwa imizi muri wowe: wowe wa kera yaragiye. Waremwe bushya.

Akira gushyirwa amanga kwawe maze uryohereye n'imigisha yose y'Imana!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi icyaremwe gishya muri Yesu Kristo! Ibyanyije Ibyahahise byose bibi byasibwe n'imbaraga z'Umwuka Wera. Ntabwo ngihagarikwa n'intege nke za muntu cyangwa gutsindwa kwa muntu. Nkorera ku rwego rwo hejuru!

IBINDI BYANDITSWE

Amaganya 3:22–23

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 2–3

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukwakira 28

ISOKO Y'IGISUBIZO CYAWE

Kuva 14:15

Uwiteka abaza Mose ati “Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisirayeli bakomeze bagende.

Abisirayeli bari bahanganye n'akaga gakomeye: imbere yabo hari inyanja, inyuma hari Abanyegiputa babahigaga. Batekereza ko kuva mu Egiputa ari intsinzi ihagije nyuma bamenya ko umwanzi atacogoye. N'umuhanuzi Mose yashatse igisubizo, ariko Imana iramubwira iti: “Niki gitumye untakira?”

Imana yareruye: Nta mpamvu yo kuntakira; genda ukemure ibibazo. Igisubizo wamaze kugihabwa, uragifite.

Ibyari ukuri kuri Mose ni byo by'ukuri kuri wowe: ibi si ibihe byo gutakira Imana ngo iguhe ibisubizo. Ni igihe cyo gukoresha uburenganzira wahawe n'Imana, ugateza impinduka mu buzima bwawe. Igisubizo kiri muri wowe. Imana yaguhaye imbaraga zo guhindura ibibazo urimo. Fungura akanwa kawe, wature ubuzima, kandi ukomeze ujye imbere!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Akanwa kanjye ni nk'ikaramu y'umwanditsi witeguye. Ndi umuntu ufite ibisubizo. Ndatuma kandi ndategeka ibisubizo kuri buri kintu kijyanye nanjye ndetse n'umuryango wanjye, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Luka 10:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 4:1–6:26

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukwakira 29

UDASANZWE

1 Ngoma 4:9–10

Yabesi yarushaga bene se icyubahiro, kandi nyina yamwise Yabesi kuko yavuze ati “Namubyaranye agahinda....”

Isi ifite igisobanuro cyayo cy’ “ibisanzwe” urugero rw’uburyo ibintu bigomba kugenda cyangwa uko bigomba kuba. Iyo habaye ikintu kidasanzwe, kidasanzwe mu mateka y’abantu, kibikwa mu gitabo cy’abakoze ibidasanzwe (Guinness World Records). Umuryango wa Yabesi wakurikizaga uburyo busanzwe: uko urubyaro rukurikira urundi rubyaro, Nta kidasanzwe cyabaga—kugeza ubwo Yabesi

Yanze kugendera mu bisanzwe atinyuka gusaba Imana kumwagurira imbagoi. Kubera ibyo, Bibiliya ivuga ko yagize icyubahiro kurusha bene se.

Uyu muni ndagushishikariza kuva mu bisanzwe. Waba waravutse mu muryango umwe na bene wanyu, ariko ejo hawe hazaza haratandukanye. Intsinzi yawe izaba iya mbere itandukanye mu bavandimwe bawe. Imana irakuvana mu ruziga rw’ubuzima busanzwe, mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo nsanzwe! Nzabaho ndenze ibyo isi yiteze. Kubw’imbaraga z’Umwuka Wera, ndamenagura imipaka yose y’abadayimoni, mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Daniyeli 1:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Luka 6:27–8:25

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ukwakira 30

GAHUNDA Y'UBWAMI

2 Ngoma 1:10

Nuko rero none ndagusaba kumpa ubwenge n'ubuhanga, kugira ngo ntambagire igihugu cyanjye niyereke abantu. Ni nde wabasha gucira imanza abantu bawe bangana batyo?"

Abantu benshi batakaza imigisha y'Imana kubera impamvu ziri inyuma y'ibyo basaba. Imana itera inkunga, ikarinda kandi igateza imbere gahunda yayo. Iyo usabye imodoka nshya cyangwa inzu nini, ni ki kigutera kubisaba? Ni ukugira ngo inshuti zawe zibibone cyangwa ngo wiyerekane mu gace utuyemo?

Salomo yasabye ubwenge, atari uko yashakaga gushimirwa nk'ufite ubwenge burenze abandi mu gihe cye, ahubwo ni uko yashakaga kuyobora abantu b'Imana neza. Impamvu ye yari nziza kandi igamije Ubwami bw'Imana. Ni yo mpamvu Imana yamwemereye ibyo yasabye, inongeraho ibirenze ibyo yasabye.

Imana irashaka imitima ishyira imbere iby'ubwami bwayo. Iyo ibyo usaba bihuye n'intego y'Imana, ubona ubutoni buvuye ku Mana. Ntabwo biterwa n'uko usaba ibintu binini, ahubwo biterwa n'impamvu ibiri ibiri inyuma. Guhera uyu muni, jya usaba Imana ibintu bifite intego ijyanye n'iy'Ubwami bwayo kandi izabiguha nta kabuza!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkurura amafaranga afite intego yo guteza imbere umurmo w'Immana. Impamvu y'ubuzima bwanjye ni ugukorera Imana n'ibindimo byose, mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 69:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 8:26–10:16

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukwakira 31

UMUNSI WO GUHEMBWA

Abagataliya 6:9

Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari

Gukorera Imana bifite igihembo kidasubirwaho. Gukorera Imana ntibivuga gusa kuvuga ubutumwa ku rusengero. Gutanga, kuririmba muri koral, cyangwa ikindi cyose ukora ubikuye ku mutima mu rukundo rwo gukorera Imana nta na kimwe kiba ubusa. Ijambo ry'Imana ritubwira kudacogora mu gukora ibyiza, kuko igihembo kizaza. Ibyo bivuze ko bishoboka ko wacika intege. Hari abantu benshi bacika intege mbere y'igihe bakabivamo, batabizi ko bari hafi guhembwa, hari hasigaye amasaha make gusa. Ntubwira umwe muri abo.

Fata umwanzuro uhamye wo gukorera Imana n'umutima wawe wose. Igihembo cyawe kirahari, ku isi no mu buzima buzaza. Ntukemere ko ibikugerageza muri iki gihe biguca intege, kuko umunsi wo guhembwa uregereje. Ndasenga kandi ndahanura ko igihembo cyawe kza nonaha, mu Izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umutima wanjye washyizwe ku murongo w'inzira ngomba gukurikira; nzakomeza gukorera Imana n'umutima wanjye wose. Igihe cyo guhembwa ni iki, mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 2:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Luka 10:17-12:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ugushyingo 1

UBUNTU BW'IMANA NI IMPANO, SI IGIHEMBO

Abefeso 3:7

Nanjye nahindutse umubwiriza wabwo nk'uko impano iri y'ubuntu bw'Imana, iyo naheshejwe n'imbaraga zayo zinkoreramo.

Ubuntu bw'Imana ntabwo bukorerwa, ni ineza utakoreye. Abefeso 2:8-9 havuga ko twakijijwe ku bw'ubuntu, atari ku bw'imirimo (Ibyo dukora), ahubwo ku bw'ibyo Kristo yakoze. Ubuntu bw'Imana butwibutsa ko urukundo rw'Imana rutagenda ku mirimo umuntu yakoze. Butugeraho mu ntege nke zacu, bukatugarura mu mugambi w'Imana. Ubuntu bw'Imana butubabarira ahashize, bukadutera imbaraga z'ubu, kandi bukarinda ahazaza hacu.

Ubuntu ntabwo tubukorera; turabwakira. Iyo twakiriye ubuntu bw'Imana, dutandukanywa n'ikimwaro bukadutera imbaraga zo gukiranuka. Ubuntu bw'Imana ntabwo buduha uburenganzira bwo gukora icyaha; ahubwo bukadutera imbaraga zo kugitsinda. Buri muni ni amahirwe mashya yo kugendera mu ubuntu bw'Imana. Ishimire ubuntu bw'Imana; kuko ni urukundo rwayo ruba ruri mu bikorwa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nakiriye ubuntu bw'Imana nahawe binyuze mu mirimo Kristo yarangije gukora. Nkikijwe n'Ubuntu bw'Imana byuzuye. Ndi umutsinzi muri buri kimwe nkora!

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto: 3:5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 12:13-14:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ugushyingo 2

IMANA IHEMBA UBWIZERWA

Abefeso 6:10

Ibisigaye mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi.

Imana ntijya yibagirwa uwabaye umwizerwa. (Abaheburayo 6:10) hatwemeza ko Imana itabera; itazigera yibagirwa umurimo wawe ndetse urukundo wamweretse. Nubwo abandi baba birengagiza umuhate wawe, Imana ibona buri gikorwa cyose cyo kwizerwa ukoze.

UBWIZERWA bisobanuye kuguma ushishikajwe n'umugambi w'Imana, ndetse no mu bihe bigoye. Kuguma uri umwizerwa mu bigeragezo ndetse no mu ngorane birakuzamura ugashyirwa hejuru y'abandi bose. Kuba umwizerwa ntibihora byoroshye, ahubwo ni ukuba aho ukenewe, ughora witeguye, kandi wumvira n'iyi haba nta muntu uri bugukomere amashyi. Nyamara mu bwami bw'Imana, iyi mico izana iterambere rihoraho.

(Abagalatiya 6:9) hadutera imbaraga. "Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari" igihembo cyawe gishobora kutagaragara ako kanya, gusa kirahari. Ijuru riri kureba. Guma mu murongo. Izere igihe cy'Imana. Umuhate wawe k'Uwiteka ntuzaba uw'ubusa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nshishikajwe no kuguma mu murongo. Nzaguma nsunike njya imbere kandi nkore cyane kugeza igihe igitangaza cyanyje nkiboneye. Sinzacika intege cyangwa ngo mbivemo. Ndi umutsinzi, ndetse no kurushaho mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 2:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 14:12-16:31

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ugushyingo 3

NAREMWE MU ISHUSHO Y'IMANA NGO NTEGEKE

Yobu 33:4

Mwuka w'Imana ni we wandemye, Kandi guhumeka kw'Ishoborabyose ni ko kwambeshejeho.

Kuva mu ntangiriro, Imana yaremye umuntu imuremana umugambi n'imbaraga. (Itangiriro 1:26) haravuga ngo, "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware (bategeke)... "Kuremwa mu ishusho y'Imana ni umuhamagaro wo kuyobora.

Ishusho y'Imana muri twe igaragaza imiterere yayo, ubwenge, ubukorikori, ubutware ndetse n'ubukiranutsi. Ntabwo yaturemeye kuba abahigwa turi abatsinzi. Kuba abatware, yari yo ntego nyamukuru Imana yari yarateguriye ikiremwa muntu, kandi iyo ntego nubu iracyahari. Nuko rero Cungana ibyo wahawe ubunyangamugayo, kandi uhindure abandi neza.

Kugwa kwa muntu, ntabwo byasibye ishusho y'Imana; byarayangije. Gusa muri Kristo, twarasanwe, kandi ubutware bwacu twarabusubijwe (abaroma 5:17). Ntabwo waremewe kubaho mu bwoba, gutsindwa ndetse no kuba umuntu uraho usanzwe. Waremewe kuzamurwa, kubaka, kuyobora, ndetse ugaha ishusho isi yawe. Gendera muri izo ndagagaciro z'ubumana. Vugana ubutware. Fata imyanzuro ushyigikiwe n'Ijuru. Umwuka w'Imana uri muri wowe asana ubutware bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndemwe mu ishusho y'umwami. Mbaho nk'umwami; ntegekana ubwenge, ngendana intumbero; kandi mpindura abandi mu buntu bw'imana mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 104:30

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 17:1-19:27

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ugushyingo 4

IMANA NI URUKUNDO, ICYITEGEREREZO NYACYO

Yohana 15:13

Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze.

Gira imitekerereze yuko Imana iterekana urukundo gusa. Ni Urukundo yo ubwayo. (1 Yohana 4:8) haravuga ngo “Udakunda ntazi Imana kuko Imana ari urukundo.” Ukubaho kwe nicyo kigero nyakuri cy’urukundo, rutari amarangamutima y’abantu cyangwa se ubugiraneza bushira. Ku musaraba, Imana yagaragaje igikorwa gikomeye cy’urukundo kurusha ibindi: ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. (Abaroma 5:8)

Urukundo rw’ubumana, rudushyira hejuru y’urwango. Urwango rutandukanyaabantu;urukundorukabunga.Urwangorurangiza,urukundo rugasana. Urukundo rw’Imana rushobora gutsinda umutima wijimye kandi rukomora ibikomere. Iyo tugendeye mu rukundo, tuba tugaragaza uko Imana iri. Muri 1 Yohana 4:20 hatwibutsa ko tudashobora kuvuga ko dukunda Imana kandi twanga bagenzi bacu, urukundo ni igihamya cy’uko ufite kwizera.

Uko umwaka uri kugenda urangira, hitamo kureka urukundo rw’Imana rugatamba muri wowe,yewe niyo byaba bigoye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Urukundo rw’imana ruri muri nje rukomeye kurusha urwango urwo ari rwo rwose runzengurutse. Nshikamye mu rukundo rw’Imana.kandi mpora ntsinda urwango buri gihe mu izina rikomeye rya yesu.Imana ihimbazwe. Amen

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 53:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Luka 19:28-21:9

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ugushyingo 5

NAREMANYWE UMUGAMBI W'UBUMANA

Abafilipi 2:13

Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.

Ntabwo uri Impanuka; Uri ikiremwa Imana yaremye ibigambiriye. Yashushanyije ubuzima bwawe, iguha intumbero, ikuyobora mu byemezo ufata, ndetse ikagukomeza mu bihe bikomeye.

Umugambi w'Imana ntabwo uhishwe; uhishurwa uko ugendana na yo, ushaka umugambi wayo binyuze mu isengesho, usoma Ijambo ry'Imana kandi wumvira ijwi ryayo. Mose yamenyeye umugambi w'Imana ku buzima bwe mu butayu, Esiteri awumenyera i Bwami, Dawidi awumenyera ku rugamba. Aho waba uri hose, Imana yaguhishurira umugambi wayo. Ntabwo ukeneye kuwuhimba; wowe mwihe wese ubundi uwumenye.

Waremewe imirimo myiza muri Kristo Yesu kugira ngo uyigenderemo (abefeso 2:10). Umugambi wayo ku buzima bwawe ni mugari cyane kurusha gutsindwa cyangwa gukererwa uko ari ko kose. Igorora inzira yawe uko uyobye kandi igakora buri kimwe ku bw'inyungu zawe. Akira uku kuri muri uyu mwaka wo guca iminyururu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremanywe umugambi; ubuzima bwanjye ni bumwe mubwo Imana yahanze, (ubuzima bwanjye ni igihanano cy'Imana), kandi izasohozza icyo yatangiye muri nyje muri uyu mwaka wo guca iminyururu, mu I zina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:28

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 21:10-22:46

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ugushyingo 6

IBICANIRO NK'AHANTU HO GUHURA N'IMANA

1 Samweli 7:12

Maze Samweli yenda ibuye arishinga hagati y'i Misipa n'i Sheni, arihimba izina Ebenezeri ati "Uwiteka yaraturahuye kugeza n'ubu."

Ibicaniro by'Umwuka ni ahantu ho guhura n'Imana ,aho ijuru rihura n'isi,ubundi Umuntu agahura n'Imana. Mu byanditswe,ibicaniro byagaragazaga ibihe bidasanzwe by'amasezerano no gusurwa n'Imana. Bitandukanye n'ibyo tubonesha amaso,bigaragaza umuhate mu mwuka.Uyu muni,turi bwubake ibicaniro by'umwuka binyuze mu isengesho,mu kuramya Imana,kwiyiriza ubusa,ndetse no guha Imana ibyacu tugatumira kubaho kw'Imana gukora.

Ibicaniro ni inzibutso z'amasezarano y'Imana no kubaho kwe. Kubaka ibicaniro mu ngo zacu,mu mitima yacu,ndetse no mu mico yacu,bituma turema umwanya Imana ngo ituremo ubundi ituyobore. Bidufasha mu kutwibutsa, mu kwenyegaza kwizera kwacu ndetse no kudukomeza mu mwuka. Reka inguni usengeramo ikubere igicaniro,reka umwanya wo kuramya Imana bikubere igicaniro ndetse no guhora umwegurira ibyawe byose ubundi urebe uburyo Imbaraga z'imana zikora mu buzima Bwawe,mu rushako rwawe ndetse no mu butunzi bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka wo guca iminyururu,igicaniro cyange kizamvugira. Nziko Imana yanjye izansubizamo ubuyanja, izanzura ku gicaniro cyanjye binyuze mu mbaraga,mu mugambi wayo,ndetse n'amahoro. Imana ihimbazwe!

IBINDI BYANDITSWE

Yosuwa 4:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 22:47-24:23

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ugushyingo 7

KWIZERA KUNEZEZA IMANA

Itangiro 15:6

Nuko yizera Uwiteka, abimuhwaniriza no gukiranuka.

Kwizera ni urufatiro rw'umubano wacu n'Imana.(abaheburayo 11:6) haravuga ngo,"ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza" Kwizera birenze kwemera gusa ahubwo ni icyizere, kwishingikiriza ndetse no kwiye gurira umugambi wayo. Imana ntabwo igendera ku marangamutima cyangwa se ibikuranga ahubwo igendera k'ukwizera. Iyo twizeye Imana byuzuye,yewe no mu bihe bitoroshye,tuyizanira umunezero mu mutima wayo. Kwizera kubaha Imana kuko kuzi uko iteye. Kuravuga ngo "Mana,ndakwizeye nubwo ntari kubona ibisubizo"

Kwizera gufungura inzugi zigera ku bitangaza.Yesu yabivuze kenshi ati," Kwizera kwawe kuragukijije."Ntabwo yashakaga ubutungane,yashakaga ko umwizera gusa. Kwizera ntabwo ari impumyi;Gushingiye ku kwizerwa kw'Imana kuzwi. Ibuka ibyo yakoze ubundi bigutere icyizere cy'ibiri imbere. Yaba kubiba imbuto,gusengera abarwayi,cyangwa ushaka kuzamurwa mu ntera,kwizera kubaha Imana kandi Imana yubaha kwizera.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ijambo ry'Imana ,nizeye amasezerano yayo,kandi nizeye igihe cyayo.mfite ukwizera mu mana ikomeye. Mbayeho ngo nyishimishe;Mbayeho ku bwo Kwizera.Hallelujah!Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 4:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni : Luka 24:24-53; Yohana 1:1-2:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ugushyingo 8

JEHOVA RAPHA

Zaburi 103:3

Ni we ubabarira ibyo wakiraniwe byose, Agakiza indwara zawewe zose,

Rimwe mu mazina y’Imana ahumuriza ni Jehova Rapha,”Imana Ikiza.” Gukiza ntabwo ari ikintu Imana ikora gusa, ahubwo niwe Gukira. Gukiza kw’Imana kurenze ibigaragara byo ku mubiri; Ikiza imitima imenetse(Zaburi 147:3),ikakugarurira amahoro yo mu mutima(Yesaya 26:3), kandi akiza ibikomere byo mu mwuka binyuze mu mbabazi ze. Yewe akiza n’amahanga.Gukiza kwe kuroroshye,kuruzuye,kandi gukiza umwuka,ubugingo ndetse n’umubiri.

Umusaraba wa Kristo nicyo kimenyetso cyo gukira.(Yesaya 53:5) haravuga ngo,”kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.” Yesu yikoreye indwara zacu zose n’imibabaro yacu kugira ngo tubeho ubuzima bwuzuye.Gukira bishobora kubaho nk’igitangaza cy’ako kanya cyangwa se bigafata igihe,gusa buri gihe bitwarwa n’urukundo ndetse n’impuhwe. Rimwe na rimwe bibera mu imbere ntibigaragare,ariko ntibivuze ko biba bidafite imbaraga.

Uko turimo tugenda dusoza umwaka wo guca iminyururu,izere Jehova Rapha.Atura ijamba rye,uhasurire mu kwizera,kuko gukira gutemba aho kwizera gushikamye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu buzima bw’ubumana;imbaraga zo gukiza za Jehova Rapha zirukanka muri buri gace k’umubiri wanjye,none n’iteka ryose. Nuko rero indwara ziba kure yanjye mu izina rya Yesu.Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Itangiriro 15:26

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yohana 2:12-4:38

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ugushyingo 9

GUTANGA BIGARAGAZA UMUTIMA W'IMANA

Hagayi 2:8

Ifeza ni izanjye, n'izahabu na zo ni izanjye. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

Gutanga bigaragaza kamere y'Imana. Bibiliya iravuga iti: “Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga...” (Yohana 3:16). Ku ndiba ry'umubano Imana ifitanye natwe niho hari umutima wayo w'ubugiraneza. Iyo dutanze—cyaba ari igihe cyacu, impano zacu cyangwa ibyo dutunze—tuba turi kwerekana kamere yayo bigatuma dutwara misiyo yayo y'urukundo no kuducungura. Umwami Dawidi yamenye iri banga agira ati: “...Ibyo dutunze byose bituruka kuri wowe, kandi icyo tuguha ni icyo twahawe n'ukuboko kwawe” (1 Ingoma 29:14). Iri iki cyanditswe gihindura uburyo tubonamo ibyo dutunze, tukava mu kwiyumvamo ko turi ba nyirabyo tukajya mu kumva ko turi abarinzi babyo. Gutanga bituma imitima yacu ijya ku murongo umwe n'ibishishikaza Imana kurusha ibindi, rigatuma twiringira Imana birushijeho, kandi rigahishura aho ukwiyegurira kwacu kuri(Matayo 6:21). Gutanga mu nsengero, mu bikorwa by'ivugabutumwa cyangwa gufasha abakene bifasha mu kubaka ubuzima bwa benshi, imiryango ndetse n'amahanga. Itorero rikura binyuze mu kwizerwa kw'abatanga banezerewe, batera imbuto mu mugambi w'Imana bafite umutima uboneye. Reka gutanga bikubere ikintu kigushimisha mu mibereho yawe ya buri munsu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Gutanga kwanjye ni ishusho ihamya ukwizera kwanjye mu mana. Gutanga kwanjye kubaha Imana, kugahesha umugisha abandi, kandi kukampindura imbere n'inyuma! Ndi utanga atizigamyeye mu bwami bw'Imana! Imana ihimbazwe! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 24:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yohana 4:39-6:51

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ugushyingo 10

IMBARAGA ZIRI MU ISENGESHO RIHORAHO

Abaroma 12:12

Mwishime mufite ibyiringiro mwihanganira amakuba, mukomeze gusenga mushikamye

Nagiye mvuga kenshi ko “Sekibi” atari izina rya Satani ahubwo ari inshingano ze—bisobanuye umuntu ukubita inshuro nyinshi kugeza igihe ahinguranyije. Ibyo ni uguhozaho. Ni muri ubwo buryo, isengesho rihoraho rigaragaza ukwizera kudahungabana mu masezerano y’Imana. Yesu Kristo yigishije umugani w’umupfakazi wahozagaho kugira ngo atwereke ko tugomba guhora dusenga tudacogora (Luka 18:1). Kugira isengesho rihoraho si ukuvuga ibintu inshuro nyinshi gusa, ahubwo ni ugushyingira ibyiringiro byawe ku Mana. Imana yumva kurira kwawe, ariko kenshi ikoresha guhozaho kugira ngo irusheho guhindura imyitwarire yawe no kugira ngo uyizere byimbitse.

Iyo dukomeje gusenga, ubuzima bwacu bwo mu mwuka burakomera. Intumbe yacu ijya ku bintu bidashira, kandi isengesho rikarushaho kutubera ubusabane hagati yacu n’Imana aho kuba gusa uburyo bwo gusubizwa ibyo dusabye.

Intumwa Pawulo yaravuze ati: “Musenge ubudasiba” (1 Abatesalonike 5:17). Uku guhozaho mu isengesho kutwubakamo kwihangana, kukatwegereza Imana kurushaho, kandi bikadufasha kumenya igihe cyayo. Reka isengesho rihoraho rikubere ubuhamya.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzigera mfata guceceka kw’Imana ngo nkwitiranye no kuyibura. Nzagumya nsenge. Isengesho ryanjye ndishyize mu murongo umwe n’umugambi wayo. Igutangaza cyanyje nzakibona muri uyu mwaka wo guca iminyururu. Imana ihimbazwe! Halleluya.

IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 4:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yohana 6:52-8:20

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ugushyingo 11

GUTSINDA UBUGINGO KURI KRISTO BIRIHUTIRWA

2 Abakorinto 6:2

...Dore none ni cyo gihe cyo kwemererwamo, dore none ni wo muni wo gukirizwamo.

Gutsinda ubugingo kuri kristo niho umutima w'Imana uterera. Yesu yaje gushaka no gukiza abazimiye (Luka 19:10), kandi natwe twahamagariwe gukomeza uwo murimo. Buri mwanya ni ingenzi; buri bugingo bufite agaciro imbere y'Imana. Yesu yaravuze ati: “Nkwiriye gukora imirimo y'uwantumye hakiri ku manywa, bugiye kwira ni igihe umuntu atakibasha gukora.” (Yohana 9:4). Ntituzi igihe umuntu afite ku isi cyangwa se igihe amahirwe yo kumusangiza Kristo bushobora kurangirira. Igihe ni gito, kandi amahirwe ntiyabaho iteka, rero tugomba kugira icyo dukora ubu!

Guhindura benshi bakaza kuri Kristo si inshingano z'abavugabutumwa gusa. Umukristo wese ni umuhamya (Ibyakozwe n'intumwa 1:8). Waba uri ku kazi, mu rugo, cyangwa mu muhanda, Ugendana ubutumwa bwiza. Buri ko uhura n'umuntu bishobora kubera undi muntu umuhuro we n'Imana. Ntabwo bisaba kuba ufite ibisubizo byose; ahubwo ni ukugira umutima wo gusangiza abandi ibyo Yesu yagukoreye. Iyo ubumbuye akanwa kawe ukabikorana kwizera, Umwuka Wera aha imbaraga amagambo yawe. Nuko rero, wowe Vuga Yesu !

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzigera nongera gukererwa, kuko nziko kumvira kwanjye gutuma mu ijuru bizahirwa. Uyu muni,mfashe umwanzuro ko gutsinda ubugingo kuri kristo umurimo wanjye bwite mu izina rya Yesu!Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 8:21-10:18

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ugushyingo 12

KUMENYA IMANA BINYUZE MU MUBUSABANE NAYO

Abakolosayi 3:10

Mukambara umushya uhindurirwa mushya kugira ngo agire ubwenge, kandi ngo ase n'ishusho y'Iyamuremye.

Umubano wuzuye n'Imana nyakuri utangirira mu busabane nayo, si ukumenya gusa ibiyerekeyeho ahubwo ni ukumumenya ku giti cyawe. Yakobo 4:8 haravuga ngo: “Mwegere Imana, na yo izabegera.” Imana irashaka umubano, ntabwo ishaka idini. Dawidi yari yarabisobanukiwe; ntiyashakaga umugisha gusa, ahubwo yashakaga ubusabane hagati ye n'uwo basangiye ishusho.

Mu busabane n'Imana, twibonera urukundo rwayo, amahoro yayo n'ubuyobozi bwayo. Twumva ibyo itwongorera, tukamenya umutima wayo, kandi tukayoborwa n'Umwuka wayo. Ibi si iby'abantu bake batoranyijwe gusa; ni iby'umuntu wese uyishaka. Yesu yamaraga igihe yitaruye, agasenga; atwereka agaciro ko gusabana n'Imana mu mwiherero (Luka 5:16). Uko uagenda ukomeze umubano wawe n'Imana, ni nako intumbero yawe n'uwo uri we bikarushaho gukomera. Imana yaremye isanzure irifuza kugendana nawe buri muni. Mwegere, maze wibonere kubaho kwayo mu buzima bwawe, mu muryango no mu mubano wawe n'abandi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo nzihanganiraidini rinjyana kure. Nshishikajwe n'umubano wimbitse wange n'Imana. Nshize imbere isengesho, kuramya Imana, no gutekereza ku magambo yayo, none n'iteka ryose, mu izina rya Yesu. Amen

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 4:22-24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'Uyu muni: Yohana 10:19-12:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ugushyingo 13

IJAMBO RY'IMANA NTIRIHINDUKA KANDI NI IRYO KWIIRINGIRWA

Yesaya 40:8

Ubwatsi buraraba uburabyo bugahunguka, ariko Ijambo ry'Imana yacu rizahoraho iteka ryose

Mu isi yuzuyemo indangagaciro zihindagurika n'imirongo ngenderwaho idahama hamwe, Ijambo ry'Imana rihora rihamyeye kandi ntirihinduka. Kuryizera ni ugushinganisha ubuzima bwawe ku musingi udahungabana.

Iyo ubuzima busa n'ubudahagaze hamwe, amasezerano y'Imana aguha icyizere. (Kubara 23:19) haravugaga ngo "Imana si umuntu ngo ibeshye... Ibyo yavuze, no gukora ntizabikora? Ibyavuye mu kanwa kayo, no gusohozwa ntizabisohozwa?". Buri jambo ry'Imana ni iry'ukuri, rirera kandi ni iryo kwizerwa.

Bibiliya si igitabo cy'amateka gusa—ni igitabo kizima kandi gikora (Abaheburayo 4:12). Iyo turisoma tunaritekerezaho, kwizera kwacu kurakomezwa, ibitekerezo byacu bikavugururwa, n'imitima yacu igahumurizwa. Kwiringira Ijambo ry'Imana bishyira imirimo yacu mu murongo umwe n'ukuri kw'Imana. Rituzanira amahoro mu gihe cy'imidugararo, rikaduha ishusho nzima igihe twashobewe. Iyo tugendeye mu mabwiriza yayo, tubona uburyo ari icyo kwizerwa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntitaye ku miraba mpura na yo, Ijambo ry'Imana rizaguma ari ryo buhungiro bwanjye bwizewe kandi butanyeganyezwa. Nubakiye ubuzima bwanjye ku Ijambo ry'Imana, ndaryizeye; Nuko rero ndaryatura kandi sinzigera nyeganyezwa mu izina rya Yesu. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:11

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 12:12-14:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ugushyingo 14

KURAMYA NI UKWEREKANA URUKUNDO

Zaburi 150:6

Ibihumeka byose bishime Uwiteka. Halleluya.

Kuramy a ni igisubizo cy'umutima ku bwo gukomera kw'Imana n'ubugiraneza bwayo. Kuramy nyako guturuka ku mutima wujwe n'uwamenye uwo Imana ari yo. Si indirimbo gusa cyangwa umuhango wo ku cyumweru, ahubwo ni umuco uhoraho wo kuyubaha no kuyikunda. Kuramy ni imibereho! Reka bikubere ukuri, wowe n'umuryango wawe.

Kuramy kutwegereza Imana kandi Imana nayo ikatwegera. Muri ubwo busabane bw'Imana n'umuntu, dukuramo imbaraga, amahoro n'ibyishimo. Kuramy bituma dukura amaso ku bibazo tukayahanga ubudahangarwa bw'uduha ibisubizo. Binatuma tubona kubaho kw'Imana mu buryo bufatika. Iyo turamy, tuba twubakiye Imana intebe y'ubwami yo kuyobora buri gace ku buzima bwacu.

Reka buri kintu ukora muri uyu mwaka wo guca Iminyururu kibe igikorwa cyo kuramy. Arabikwiriye—ntabwo ari ku cyumweru gusa, ahubwo buri muni w'ubuzima bwawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzaramya Umwami wanjye. Yaba mu ndirimbo, mu materaniro, mu gutanga, cyangwa mu isengesho, kuramy kwanjye ni igitambo cyera gikora ku ijuru. Halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 34:1; Yesaya 43:21

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 14:12-17:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ugushyingo 15

NI KOKO YESU AZAGARUKA

Ibyahishuwe 22:12

Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.

Nagiye mvuga kenshi ku bijyanye no kugaruka kwa Kristo kuko ari isezerano ridashobora guhinduka. (Ibyakozwe n'Intumwa 1:11) haravuga ngo “Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk’uko mumubonye aya mu ijuru.” Ntabwo ari ikibazo cya ese azagaruka, ahubwo ni Ryari. Yesu yijeje abigishwa be ati: “Nzagaruka mbajyane aho ndi” (Yohana 14:3). Iri sezerano ritanga ihumure muri iyi si yuzuyemo imidugararo.

Ku bo kwizerwa, kugaruka kwa Yesu si ikintu cyo gutinya, ahubwo ni ibyiringiro byacu byera. Kugaruka kwe kuzazana ibihembo, gusubizwamo imbaraga n’ubutabera .Buri kimwe cyose kigoramye kizagororwa, kandi abamwizeye bazategekera mu cyubahiro. Ariko kugeza ubwo, tugomba gukomeza kuba maso kandi turi abizerwa. (Matayo 24:44) hatwibutsa guhora twiteguye.

Umwami Yesu azagaruka.Icyampa ukazasangwa uri uwo kwizerwa igihe azagarukira.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzabaho buri muni y’ubuzima bwanjye ntekereza ku buzima bw’iteka. Amahitamo yanjye,ibitekerezo byanjye, ndetse n’ibikorwa byanjye bizajya bigaragaza ko niteguye,Kuko nziko Yesu kristo agiye kugaruka!Hallelujah!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 2:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yohana 17:14-19:42

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ugushyingo 16

KWIZERA GUKURIRA MU MATERANIRO N'ABANDI

1 Abatesalonike 5:11

Nuko rero muhumurizanye kandi muhugurane nk'uko musanzwe mubikora.

Kujya mu materaniro ku rusengero si umuhango gusa, ahubwo ni umuco wo mu mwuka udufasha gukura mu kwizera. (Abaroma 10:17) haravugaga hati: “Kwizera kuzanwa no kumva, naho kumva kukazanwa n'Ijambo ry'Imana.” Buri teraniro ritanga inyigisho nshya zidutera imbaraga, zigakomeza ukwemera kwacu muri Kristo. Urusengero ni ahantu Imana ivugira, ikahakiriza kandi ikahahugurira. Hatwibutsa ko tutari twenyine. (Abaheburayo 10:25) Twe kwirengagiza guteranira hamwe....ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsu wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo.

Kumva Ijambo ry'Imana kenshi bidufasha guhagarara dushikamye mu bihe bigoye. Ubutumwa twumva, ubuhamya tubona n'isengesho dusengana n'abandi bidukomeza mu buryo bw'umwuka no mu mitekerezwe. Kujya mu materaniro ku rusengero bidukomereza mu kuri, bikatwibutsa amasezerano y'Imana kandi bidushishikariza gukura mu bukiranutsi. Kwizera ntigukurira mu mwiherero—gukura iyo uri kumwe n'abandi.

Atura urukundo ukunda kubona mu maso h'Imana ndetse n'umwete ufite wo gukura mu mwuka----jya mu rusengero guterana

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kujya mu materaniro ni igice kitanyeganyezwa mu buzima bwanjye. Njya ku rusengero mfite ibyo niteze kubona, niteguye kubona imbaraga z'Imana zidasanzwe mu izina rikomeye rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 3:13

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Yohana 20-21; Ibyakozwe n'intumwa 1:1-2:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ugushyingo 17

IBIMENYETSO BY'IGITAMBO

1 Petero 2:5

namwe mwubakwe nk'amabuye mazima kugira ngo mube inzu y'umwuka, n'ubwoko bw'abatambyi bwera bwo gutamba ibitambo by'umwuka bishimwa n'Imana ku bwa Yesu Kristo.

Ibicaniro by'umwuka ni ikimenyetso cy'igitambo ni ahantu hatambirwa ikintu gifite agaciro kugira ngo Imana ihabwe icyubahiro. Mu Isezerano rya Kera, bubakaga igitambo byo gutambiraho ibitambo bikaba ikimenyetso cyo kuramya, kwihana no kwiyegegurira Imana. Muri iki gihe, twahamagariwe kuba ibitambo bizima (Abaroma 12:1).

Kuramya kwawe, gushimira no gukoresha igihe cyawe uteza imbere umugambi w'Imana bishimisha umutima w'Imana, bikubaka urusengero rw'umwuka rutuma Imana yigaragaza. Kwemera gutanga ibyatumaga wumva umeze neza (utunganiwe), ubwibone, igihe cyawe cyangwa imitungo, bigaragaza ko wizera Imana kandi uyubaha. Umwami Dawidi yaravuze ati: "sinabasha gutambira Uwiteka Imana yanjye ibitambo byoswa, ntabitanzeho ibyanjye." (2 Samweli 24:24). Ibicaniro nyakuri bisaba igitambo gifite agaciro.

Kumvira kwacu kwa buri muni, guhitamo kubabarira, gukorera abandi cyangwa gutanga, na byo ni impumuro nziza imbere y'Imana. Tuba turi gushyira ibice by'umubiri wacu ku gicaniro. Buri gikorwa dukoze kiba kivuga ngoga: "Ntibibe uko nshaka, ahubwo bibe ugushaka kwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzabaho ubuzima bwanjye nk'igitambo kizima; kandi ndabizi ko umuriro uva mu ijuru uzajya ugurumanira mu magufwa yanjye. Igitambo ntambira Imana kigarukana imigisha no kugera ku byo ngambirira byose. Imana ihimbazwe. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 3:16-17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 2:14-4:37

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ugushyingo 18

KWIZERA KUNESHA UBWOBA

Abafilipi 4:13

Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.

Ubwoba ni karemano, ariko ukwizera ni impano yo mu mwuka. Ubwoba burakudindiza, kwizera kukaguteza imbere. Iyo ubuzima butangiye kutagenda neza, duhitamo ukwizera, atari uko twirengagije ubwoba, ahubwo ari uko twizeye Imana kuruta ikibazo. (Yesaya 41:10) haravuga ngo: “Ntutinye, kuko ndi kumwe nawe... Nzagukomeza, kandi nzagufasha.” Ukwizera kwemera ko Imana ihari, ifite imbaraga kandi ishoboye.

Dawidi yahanganye na Goliyati afite ukwizera. Mu gihe abandi bose bari bafite ubwoba, we yiringiye Uwiteka. Yesu yavuze kenshi ati: “Ntutinye, ahubwo wizere gusa.” Ukwizera gucecekesha ubwoba kuko gushingiye ku masezerano y’Imana. Ubwoba buravugaga buti: “Biramutse bitagenze neza?” Ukwizera kukavugaga ngo: “Uko byagenda kose, Imana ihora ari nziza!” Igihe Petero yatambukaga hejuru y’amazi, ukwizera ni ko kwamugumishije hejuru, ubwoba buramurohamisha.

Hanga amaso Yesu, ubwoba buzagutakazaho imbaraga. Ukwizera gukurira mu kumva no gutekereza ku Ijambo ry’Imana. Uko umumenya cyane, niko ubwoba bugenda bushira!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kwizera, ntekereza mu kwizera kandi mbayeho mu kwizera. Ubwoba bushobora gukomanga, gusa nkoresha ukwizera kugira ngo mfungure. Kuko nzi neza ko Imana itampaye umwuka w’ubwoba ahubwo yampaye uw’Imbaraga, urukundo no Kwirinda mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yosuwa 1:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ibyakozwe n’intumwa 5:1-7:2

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ugushyingo 19

GUTANGA BIFUNGURA IMIGISHA Y'UBUMANA

Imigani 19:17

Ubabariye umukene aba aguriye Uwiteka, Na we azamwishyurira ineza ye.

Gutanga ni ihame ry'umwuka rifungura imigisha y'Imana. Yesu yigishije muri Luka 6:38 ati: "Mutange, namwe muzahabwa..." Iyo dutanze tudahaswe, tuba twishyize mu mwanya wo guhabwa byinshi birenze. Gutanga ntibikwiye gukorwa kuko dutegereje kugira icyo twakira, ahubwo ko Imana itanga byimazeyo ku bafite imitima y'ubugwaneza, yitanga byimazeyo. Iyo gutanga ngo ushyigikire ibikorwa by'Imana bibaye igice cy'ubuzima bwawe, imiryango irakingurwa mu buryo bw'umwuka kandi Imana igushyira ku rwego rushya rw'iterambere

Umugisha ubiherekeza si amafaranga gusa, ushobora kuza ari amahoro, kumenyerwa ibyo ukeneye, amahirwe cyangwa uburinzi. N'umupfakazi watanze ibiceri bibiri yashimishije Yesu kuko yatanze ibyo yari afite byose (Mariko 12:41-44). Imana ireba umutima utanganye impano aho kureba ingano yayo. Gutanga bihindura intumbe yacu ikava mu kwibona nk'abakennye ahubwo tukibona nkabaturanze byinshi kandi bitwibutsa ko isoko yacu atari akazi dukora cyangwa se konti zacu za banki ahubwo ari Imana. Tanga ubundi wature icyizere ufitiye Imana mu kukumenyera ibyo ukeneye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Gutanga kwanjye kubahisha Imana ndetse bikazana imigisha y'umwuka mu buzima bwanyje. Gutanga kwanjye ntabwo ari igihombo ahubwo ni igishoro. Nzasarura ingororano zihoraho ndetse n'izo muri iyi si mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 9:6-7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 7:30-9:22

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ugushyingo 20

GUKIRA INDWARA BIROROSHYE

Yohana 6:2

Iteraniro ry'abantu benshi riramukurikira, kuko babonye ibimenyetso yakoreye abarwayi.

Aho Yesu yajyaga hose, gukiza kwaramuherekezaga. Gukiza ntibyabaga rimwe na rimwe—byari igice nyamukuru cy'umurimo we. Matayo 4:23 harerekana ko Yesu yagendaga muri Galilaya yose akiza indwara zose n'uburwayi bwose. Ibi ntiyabikorera kwerekana imbaraga, ahubwo yabikoraga ngo yerekane impuhwe z'Imana. Yesu yahumuraga impumyi, akazura abapfuye, agakiza imbaga nyamwinshi. Ibitangaza bye ni ibikorwa by'impuhwe bigaragaza ko Imana ishengurwa no kubona ikiremwa muntu kibabaye.

Ku bw'ubuntu bwayo, Imana yaduhaye imbaraga zo gukiza. Muri uyu murimo, twabonye ibitangaza bitabarika. Gukiza indwara biroroshye iyo bikozwe mu kwizera mu Izina Rye!

Umugore wari ufite ikibazo cyo kuva , yahise akira amaze gukora ku mwambaro ya Yesu. Inkuru ye itwibutsa ko iyo ugaragaje kwizera,Imana iragusubiza. Yesu ntiyigeze asubiza inyuma uwo ari we wese waje amwizeye. (Abaheburayo 13:8) havuga ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari. Ibyo yahoze akora n'ubu aracyabikora.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni Ndata kandi ndategeka, ububabare bwose ndabwirukanye mu buzima bwanjye. Nk'umwana w'Imana,umubiri wanjye ni urusengero rw'umwuka wera;Nuko rero, nanze kurwara !Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 14:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 9:23-11:30

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ugushyingo 21

ITEGEKO RIRUTA AYANDI

Imigani 10:12

Urwangano rubyutsa intonganya: Ariko urukundo rutwikira ibicumuro byose.

Yesu abajijwe itegeko rikomeye kurusha ayandi yarasubije ati Ukunde Uwiteka Imana yawe... kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda (Matayo 22:37–39). Urukundo si amarangamutima gusa, ni itegeko. Urukundo Rusaba ibikorwa, kubikora ubishaka kandi ugahozaho. Urukundo ntirwangiza, Ruhindura ikirere rukazana amahoro, rukazana gukira no kubana mu bumwe muri iyi si yuzuye amacakubiri.

Yesu ntiyigishije urukundo gusa, ahubwo yabayeho mu rukundo. No ku musaraba, yarasenze ati: Data, bababarire. Urwango yarusubirishije urukundo, kandi natwe aduhamagarira gukora bimwe nk'ibyo. Urukundo rwa Kristo rurihangana, rurangwa n'ineza, ntirurakara vuba kandi ntirubika inzika. Ni urukundo ruhambaye, rudasanze, kandi ruvuye ku Mana gusa.

Umwuka Wera ni we utuma tubasha gukunda birenze ubushobozi bwacu. Urukundo rwe ruba kamere yacu nshya. Reka uru rukundo rugaragare mu buzima bwawe, mu muryango wawe, mu rushako rwawe, mu bucuruzi, no mu nshuti. Reka urukundo rugendagende muri uyu mwaka wo guca iminyururu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpisemo kurutisha urukundo urwango. Iyo ngendeye mu rukundo, ngenda nerekana umutima w'Imana, nkakora icyo yampamagariye kandi nkerekana ko ukomeye kuruta bose, Imana Ubwayo ituye muri njye! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 4:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa: 12-13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ugushyingo 22

ISENGESHO, UBUHUNGIRO BWACU

Abakolosayi 4:2

Mukomeze gusenga muba maso, mushima.

Mu buzima duhura n'ibibazo bitandukanye ,iby'imitekerereze, iby'umubiri, nyamara isengesho ni bwo buhungiro bwacu n'Imbaraga zacu,ni bwo bufasha buhoraho mu gihe cy'amakuba (Zaburi 46:1). Binyuze mu isengesho, twinjira mu buturo bw'Imana, tukakira amahoro isi idashobora gutanga. Iyo twugarijwe n'ubwoba, isengesho rituma umutima utekana. Iyo urujijo rwabaye rwinshi, isengesho riduha ubushishozi. Umwanditsi wa zaburi yaravuze ati: “Mana, umva gutaka kwanjye, Tyariza ugutwi gusenga kwanjye.” (Zaburi 61:2). Urwo rutare ni Kristo, kandi isengesho ni yo nzira ituyobora kuri We dushize amanga.

Iyo imiraba ibaye myinshi mu buzima isengesho rituyobora ku Mana ishobora guturisha inyanja. Yikoreze amaganya yawe yose, kuko yita kuri wowe. Ubwoba ntibuzagusubize inyuma, jya wirukira ku buhungiro ari ryo sengesho. Imana iri hafi mu ntera y'ijwi ryongorera.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzajya nsenga nzi neza yuko isengesho rimbanziriza, ritunganya buri nzira igoramye kugira ngo irinde intsinzi yanjye. Sinzigera ncika intege,kuko binyuze mu isengesho nzatsinda,Mu izina rya Yesu!Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 6:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 14:1-16:10



Kuwa Cyumweru, Ugushyingo 23

UMUKORO WACU

Zaburi 96:3

Mwogeze icyubahiro cye mu mahanga, Imirimo itangaza yakoze muyogezemo mu mahanga yose.

Ibwiriza rya nyuma Yesu yatanze ntiriyari igitekerezo ahubwo ryari itegeko ari ryo nshingano yacu nyamukuru. Yaravuze ati: “Nimugende muhindure abantu bose abigishwa...”. Iri teka ryo mu ijuru ntiriyagenewe intumwa, abahanuzi, abapasiteri, abarimu cyangwa abavugabutumwa gusa; ni inshingano ya buri Mukristo wese wemera Yesu nk’Umwami. Inshingano yacu nyamukuru niyo iha intego ukwizera kwacu. Ntitwakijijwe ngo duhore twicaye mu rusengero gusa, ahubwo twakijijwe ngo twegere abayobye. Ubutumwa bwiza si inama nziza gusa, ni inkuru nziza ihindura ubuzima, ivuga ubuntu bw’Imana.

Gutsinda ubugingo kuri Kristo bisaba kubikora ubigambiriye. Akenshi bibera mu biganiro bisanzwe, ubucuti bw’abantu no mu buzima bwa buri muni. Yesu yahuraga n’abantu ku migezi, mu ngo no mu mihanda,ahora ababwiriza kandi abakunze. Yesu yaradusezeranyije ati:”Nzabana namwe iteka ryose” Kubaho kwe ni ko kutwongerera imbaraga zo kumvira. Umwuka Wera ni we utegura imitima, utanga gushira amanga kandi agashimangira Ijambo ry’Imana. Ntabwo uri wenyine—komeza utsindire ubugingo kuri Kristo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Gutsindira ubugingo ntabwo ari umutwaro ahubwo ni amahirwe kuri nyije. Mfatanya ibikorwa n’Imana mu kurokora ubugingo buva mu mwijima bujya mu bwami bw’umucyo bw’Imana. Ntabwo ndi nyenyine; Ndi gutsindana ubugingo na Kristo!Halleluyah!Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Ngoma 16:24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ibyakozwe n’Intumwa :16:11-18:28

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ugushyingo 24

KUBAHA NI INGENZI

Zaburi 25:10

Inzira zose z'Uwiteka ni imbabazi n'umurava, Ku bitondera isezerano rye n'ibyo yahamije.

Benshi bifuza guhura n'Imana, ariko ni bacye biteguye kuyumvira no mu gihe kitoroshye. Nyamara mu kuyiha wese ni ho imbaraga zayo zigaragarira. Kumvira ni ryo pfundo ryo kugera mwuzuro w'Imana. Kumva Ijambo ntibihagije. Niba ushaka kubona ibisubizo, ugomba kubaho ukora ibyo Ijambo rivuga. Kumvira bifungura amabanga y'Imana. Aburamu yumviye Imana atanga Isaka ho igitambo, maze ahabonera intama mu gihuru agira ihishurirwa rishya ko Imana iduha ibyo dukeneye!

Kumvira bihindura ibisanzwe ibidasanzwe. Petero yumviye Yesu amusaba kongera kunaga inshundura, maze aroba ifi nyinshi mu buryo butangaje. Imana ihura natwe ku rwego tuyizyeho. Nubwo inzira yaba itagaragara neza, kumvira Kudushyira mu mwanya mwiza wo kubona Imana. Imana ntigusaba kubanza kubisobanukirwa, ahubwo igusaba kuyizera. Iyo ugender mu kubuha Imana, ubona kurindwa kw'Imana, ikaguha ibyo ukeneye ndetse ukanabaho ufite intego. Tangira ufate kubaha no kumvira nk'ikintu gikomeye cyane, bifungura imigisha.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzabona kubaho kw'Imana byuzuye; nzayubaha bitanyeganyezwa. Uko nubaha ijambo ryayo. Inzugi zo kubona ihishurirwa zizamfungukira byagutse. Imana ihabwe icyubahiro! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Kuva 19:5

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswwe cyawe cy'uuyu munsu: Ibyakozwe n'intumwa : 19-20

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ugushyingo 25

AMAHORO NO GUSHIRA AMANGA MU MANA

Matayo 7:24-25

Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare,... byose byikubita kuri iyo nzu ntiyagwa, kuko yari ishinze ku rutare.

Kwiringira Ijambo ry'Imana bitanga amahoro adasanzwe no gushira amanga bitanyeganyezwa. Nabibonye kenshi—amasezerano y'Imana ni nk'igihome gikomeye kirinda imitima n'ibitekerezo byacu mu bihe by'amakuba. Amahoro aragana, iyo duhisemo kwizera ibyo Imana ivuga kurusha ibyo tubona cyangwa twiyumvamo. Iyo ubwoba butangiye kudusatira, Ijambo ry'Imana riraduhumuriza. "Ntutinye" si ijambo ryo kuduhumuriza gusa, ni isezerano ry'Imana ry'iterambere n'ubutsinzi. Iringire ijambo rye, kwizera kwawe kuzakura.

Gushira amanga bituruka ku kumenya ko Ijambo ry'Imana ritajya risubiraye uko ryaje. Iyo Imana yavuze, irabikora. Yesu yakoresheje Ijambo kugira ngo acecekeshe umwanzi. Natwe, iyo duhamya Ijambo, dutsinda gushidikanya, gucika intege no kuyobya. Reka Ijambo ry'Imana rikubere inkomezi muri buri muraba urimo gucamo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ijambo ry'Imana, Ndaryizeye, ndigenderaho, rituye muri nyje! Umutima wanjye ushikamye ku kuri kw'Imana kudahinduka; Nuko rero, mfite amahoro no gushira amanga bitanyeganyezwa! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 6:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'Intumwa :21:1-23:25

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ugushyingo 26

KURAMYA BIHINDURA UKO UBONA IBINTU

Zaburi 66:4

Abo mu isi yose bazagusenga bakuririmbire, Bazaririmbira izina ryawe.

Kuramya kudufasha gukura amaso ku bibazo byo mw'isi tukamenya ukuri ko mw'ijuru. Iyo ubuzima butangiye kutagenda neza, kuramya bitwibutsa ko Imana ari Nyirububasha kandi igira neza. Pawulo na Silasi, nubwo bari bakubiswe kandi bafunzwe, barasenze kandi baririmbira Imana indirimbo zo kuyihimbaza. Kuramya kwabo kwabazaniye ubufasha bwo mu mwuka; umutingito wacagaguye minyururu yari ibaboshye, inzugi za gereza zirafunguka. Kuramya si ibyo ukora kuko wabonye umigisha; ni ukwatura kwizera mu gihe k'ibigeragezo. Ntabwo kuramya bivuga kwirengagiza ibibazo; ahubwo ni ukubibona mu rumuri rw'uko Imana imeze.

Iyo amaso yacu tuyahanze mu kuramya, duhagarika kwibanda ku kibazo, ahubwo tukibanda ku Mana. Kuramya kutuyobora ku isoko nyakuri y'ubufasha bwacu (Zaburi 121:1-2), kandi bigahindura aho turi n'imyifatire yacu imbere mu mutima. Iyo twirebera mu ndorerwamo y'ubwiza bw'Imana, duhindurwa mu ishusho Ye. Si umwanya gusa wo kuririmba; ni uguhura n'Imana bihindura ubuzima!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ko igihe gishya gitangiye uko ndamya Imana. Uko nyihimbaza, ibitekerezo byanjye birahinduka bishya, umutima wanjye urongera gutuza, kandi ndibutsa ubugingo bwanjye ko Imana ikiri ku ntebe y'ubwami! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 117:1

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 23:26 – 27:8

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ugushyingo 27

UMUGAMBI Y'IMANA URATSINDA

1 Abakorinto 1:8

Ni we uzabakomeza kugeza ku mperuka, kugira ngo mutazabaho umugayo ku muni w'Umwami wacu Yesu Kristo.

Ubuzima bwuzuyemo impinduka, ariko umugambi w'Imana ntuhinduka (Imigani 19:21). icyo Imana yakugeneye nta muntu wa gihagarika, yewe n'amakosa cyangwa ibibazo ntbyahagarika umugambi w'Imana. Umugambi Wayo unyura muri buri gihe cy'ubuzima, mu bihe by'imigisha no mu bhe by'intambara. Urugendo rwa Yozefu kuva mu mwobo kugeza I bwami rwari rumaze nk'akavuyo, ariko byujuje umugambi w'Imana wo gukiza amahanga.

Umugambi si ubuzima budafite ibibazo; ni ubuzima bufite igisobanuro. Imana ikoresha byose, n'ibigeragezo, kugira ngo yuzuze umugambi wayo muri wowe. Iyo wumva wabuze aho ujya cyangwa waratinze, ibuka ko Imana itibagiye umugambi wayo. Iya tangiye umurimo mwiza muri wowe, izawusozwa (Abafilipi 1:6). ntukihutishe Imana; igihe cyayo nicyo nyacyo. Umugambi w'Imana ku buzima bwawe, ubucuruzi bwawe, umuryango wawe, n'amafaranga yawe washyizweho ikimenyetso mu ijuru kandi uzasohozwa rwose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi ko Imana yanjye ishoboye. Ndayizeye kuko ishoboye kurinda ibyanjye by'ubu n'iby'ejo hazaza. Ndabona intsinzi, kandi nzinjira mu mugambi wanjye w'iteka n'intsinzi yuzuye! Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

1 Abatesalonike 5:24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 27:9-28:31; Abaroma 1:1-15

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ugushyingo 28

BIRUTA AHAHISE HAWWE

Zaburi 103:12

Nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengera, Uko ni ko yajyanye kure yacu ibicumuro byacu.

Uko amateka yawe yakera yaba ari mabi kose. Ubuntu bw'Imana buguhereza intangiriro nshya. "Umuntu wese uri muri Kristo aba yabaye icyaremwe gishya: ibya kera byarashize, dore byose byabaye bishya" (2 Abakorinto 5:17). Ubuntu ni bwo butuma ibi bishoboka. Amateka yawe ntiyatuma utemerwa; ubuntu bwayo bwandika inkuru nshya y'ubuzima bwawe. Ubuzima bwa Pawulo ni igihamya. Yahoze atoteza abakristo, ariko yahuye n'ubuntu ku nzira ijya i Damasiko maze ahinduka igikoreshe gikomeye cy'Imana.

Ubuntu bushobora kugera ahari umwijima bukazana umucyo. Ntibwirengagiza icyaha; buracyishyura (Abaroma 3:24). Nta cyaha kinini cyane, nta gutsindwa gukabije cyangwa kwicuza kuremereye cyane ubuntu butabasha gutwikira.

Ubuntu bw'Imana buhindura akajagari ubuhamya, naho ahari ugutsindwa bigahinduka ahantu h'ibyiringiro. Iyo wakiriye ubuntu bwayo, ntabwo uba ukirangwa n'ibyo wakoze, ahubwo urangwa n'ibyo Imana yagukoreye. Iyibagize ahahise maze wakire ubwigenge muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatangaza ntashidikanya ko ubuntu bwampaye intangiriro nshya n'ejo hazaza heza. Halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abaroma 1:16 – 5:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ugushyingo 29

UBUTWARE NI UMUHAMAGARO W'IMANA

Ibyahishuwe 5:10

Ukabahindurira Imana yacu kuba abami n'abatambyi, kandi bazima mu isi."

Ubutware si igitekerezo cya muntu; ni umurimo wahawe n'Imana. Mu Itangiriro 1:28, Imana yahaye umugisha Adamu na Eva iti: "mugire ubutware." Ibi ntibyari igitekerezo cyatanze, ahubwo ni itegeko ry'Umuremyi. Kugira ubutware bivuze gutegeka, gucunga no kuyobora. Ni ubushobozi bwo kugira ingaruka nziza, kubaka no guhindura aho uri. Ibi bigaragaza imiterere y'Imana iri muri wowe nk'uwahawe isi. Baho nk'uwahawe ubutware buva ku Mana.

Ubutware si ubw'inyungu zawe bwite, ahubwo ni ubw'iterambere ry'Ubwami bw'Imana. Imana idusaba gutegeka mu rukundo, kuyobora mu gukiranuka, no gukorera mu butware (Zaburi 8:6). Waba uri mu bucuruzi, uburezi, umurimo w'Imana, cyangwa umuryango wahamagariwe kuyobora. Ntiwaremewe gusa n'abandi, ahubwo waremewe kubaruta no kuzamura abandi kugira ngo ubwiza bw'Imana bugaragare ku isi yose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sindi umuntu udafite imbaraga; nasigiwe kuba umwami. Ibitekerezo byanyje, amaboko yanjye n'amagambo yanjye bigira ingaruka. Aho ngeze hajya ku murongo, hakaza ubuhanga nkateza ingaruka nziza. Bityo ndavuga nshize amanga, nzi neza ko ijuru rinshyigikiye kugira ngo ntegeke aho nashyizwe mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 2:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Abaroma 5:12 – 8:25

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ugushyingo 30

IBIMENYETSO BY'IBIHE BY'IMPERUKA

2 Timoteyo 3:1

Umenye yuko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya.

Yesu yaduhaye ibimenyetso byo mu minsi y'imperuka kugira ngo adutegure. Muri Matayo 24:6–8, yavuze ku ntambara, amapfa, imitingito n'abahanuzi b'ibinyoma ko ari nk'ibise bigaragaza ibihe bya nyuma. 2 Timoteyo 3:1–5 hasobanura kwi Yongera kw'ingeso mbi: kwikunda, kwishyira hejuru, kutumvira, no kudakirana kandi ibi byose biri kugaragara cyane muri iki gihe. Nyamara, ntutinye; ibi bimenyetso n'ibitwibutsa kuba maso mu mwuka no kuguma ku Mana.

Matayo 24:14 hatwizeza ko nubwo hari akaduruvayo, ubutumwa bwiza bw'Ubwami buzabwirizwa hose. Nk'abakristo, tugomba kuguma dushikamye ku Ijambo ry'Imana, dusengana umwete, kandi tugahagarara twemye mu guhamya ibyo twizeye.

Ntugatinye ibimenyetso, ahubwo bijye bikongeza ukwizera kwawe. Bitwibutsa ko igihe ari gito kandi ko hari benshi bagomba kugerwaho n'ubutumwa bwiza. Ibimenyetso si iherezo, ahubwo ni ibimenyetso bigaragaza kugaruka k'UMwami wacu no gutangira ubuzima bw'iteka ku bizerwa. Nuko rero, ishime muri uyu mwaka wo Guca Iminyururu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nditeguye, Ndi maso, kandi ndishimye kuko nzi ko Umucunguzi wanjye ariho! Niteguye kuzagenda rugikubita ubwo impanda izavuga ku munsu w'umuzuko! Haleluya!

IBINDI BYANDITSWE

2 Petero 3:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abaroma 8:26 – 11:24

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukuboza 1

NTUKAGIRE AGAHINDA KAGENDEYE KU MPINDUKA Y'IBIHE

Yohana 14:26

Ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.

Ubushakashatsi bugaragaza ko abantu bagira ibyiyumviro byo kwigunga n'agahinda gakabije mu kwezi kwa nyuma k'umwaka! Abaganga b'imitekerereze babonye ko imihindagurikire y'ibihe ishobora kugira ingaruka ku buzima bwo mu mutwe bwa benshi ku isi, ni indwara y'imihindagurikire y'amarangamutima iterwa n'ibihe turimo. Nk'umwana w'Imana, ntugomba kwemerera ikintu cyose cyo mu isi gutegeka ibyishimo byawe n'umunezero wawe mu Mana!

Kwigunga no kutagira inshuti ni iby'abatazi impano bahawe ku buntu igihe bakiraga Kristo. Ufite Inshuti ariyo Mwuka Wera; ni Umufasha wacu kandi ahorana natwe. Imana yaguhaye umuyobozi uhebuje wo kukuyobora mu bice bigoye by'ubuzima, si Inshuti gusa, ahubwo ni uguha imbaraga mu gihe uzikeneye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinaba njyenyine! Mfite Inshuti ariyo Umwuka Wera. Arampumuriza iyo mbikeneye. Ntakintu na kimwe, mu buryo bwose bushoboka, cyansiga nta bufasha mfite! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 6:19

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abaroma 11:25-15:33

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukuboza 2

UKUNTU INYONI ZIKORA INYUGUTI “V” IYO ZIGURUKA

Luka 22:32

ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka ukomeze bagenzi bawe.

Inyoni nini zigenda zimuka nk’imbata, ibishuhe n’inyamanza zikunze kuguruka mu rukurikirane rukora inyuguti ya V cyangwa se ibyo bita gukora chevron. Impamvu zigenda zikurikiranye zigakora inyuguti ya “V” ni ukugira ngo zibike imbaraga kandi zongera ubushobozi bwo kuguruka. Iyi nyuguti zandika zishoreranye muri V ziguruka ituma izi nyoni zigera kure kandi zikagera kucyo zishaka. Mu bwami bw’Imana rero kugira intumbero imwe n’intego zimwe nk’abavandimwe mu Mwami birema ikibuga cyiza gituma kuguruka byoroha!

Ibyanditswe bitwereka ko nk’abana b’Imana, dukomeza umubiri wa Kristo dushyigikirana mu isengesho. Nk’uko inyoni zikoresha imbaraga z’ubumwe kugira ngo zice mu miyaga ikomeye, Itorero ryunze ubumwe ntirinyeganyega imbere y’imiyaga ikomeye y’ibitero by’umwanzi. Uyu muni, hitamo gukomeza abana b’Imana mu isengesho maze ubone umusarura mwiza ugaragara mu buzima bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkomeza abavandimwe banjye uko mpanura! Sinzabaho ubuzima bwitandukanije n’umubiri wa Kristo cyangwa se ngo ncibwe intege n’ibitero by’umwanzi. Ubumwe ni inyungu yanjye! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 1:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abaroma 16, 1 Abakorinto 1:1-4:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukuboza 3

ISOMO RIRI MU BYICIRO

1 Petero 2:2

mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuze amata y'umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze abageze ku gakiza.

Fata umwanya wo kwibuka iminsi yawe y'ishuri, igihe cyose iyo wasozaga umwaka, wumvaga umeze nk'aho wageze ku kigero gisumba ibindi mu bumenyi bwawe, ariko ugahita ujoyanywa mu kindi cyiciro cy'isumbuyeho. Ikibazo cy'Abakristo benshi ni uko iyo bageze ku rugero runaka rw'ubumenyi, banga kumara umwanya uhagije bashaka gukura byimbitse mu Mana, bakagumya kumva ko bakuze kandi bibeshya.

Intumwa Pawulo itubwira ko nk'uko impinja zikenera amata kugira ngo zikure kandi zibeho, nk'umwana w'Imana, ugomba gushaka amata y'Ijambo ry'Imana. Nk'uko amata akomeza amagufwa agaha imbaraga uruhinja, Ijambo ry'Imana riragukomeza, rikaguha imbaraga zo kunesha ibitero by'umwanzi. Iga gushaka umwanya wo gusoma Ibyanditswe Byera, ukuza imitekerereze yawe n'umwuka wawe uko ubisoma!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nuzuye imbaraga z'Ijambo ry'Imana rikomeye, kandi ibyo bivuze ko mfite ubushobozi bwo kwitaza ibitero by'umwanzi! Ndatsinda uyu muni! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Petero 3:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abakorinto 4:14-7:40



Kuwa Kane, Ukuboza 4

NI IKI KIRI KURI MENU

Zaburi 23:5

Untunganiriza ameza mu maso y'abanzi banjye, Unsīze amavuta mu mutwe, Igikombe cyanjye kirasesekara.

Imyumvire itariyo ikunze kuba mu Bukristo ni uko guca bugufi ari ukubaho mu bukene. Aiko, Imana ishaka ko utsinda! Bibiliya si amategako yo kugenderaho gusa mu buzima ahubwo ni amahame yemejwe kandi akwizeza intsinzi. Iyo ukurikije ukuri kuri mu Ijambo ryayo, ugira imbaraga zitari izo kunesha umwanzi gusa ahubwo nizo kugubwa neza imbere y'abanzi!

Icyanditswe cy'uyu muni gishushanya ishusho nyakuri ko: Imana igutunganyiriza ameza imbere y'abanzi bawe! Kuri Menu hariho; amahoro asaze, umunezero, umwuzuro no gutsindishirizwa. Ameza y'Imana ntabwo ariho ubuvungukira, ni umuganura n'ubusabane byuzuye ubuntu! Kandi icyiza Ni uko iya gutegurira imbere y'abifuzaga ko utsindwa! Waremewe kuba umutsinzi; ntuzemere ko hari ikintu kigushubiza inyuma mu byo Imana yakugeneye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yanteguriye ameza imbere y'abanza tege n'abanshidikanyaho. Ubuntu, umunezero, n'ubutunzi buri kuri menu; ntacyo mbura, ntacyo nkenye! Ndi umutsinzi muri Kristo! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abakorinto 8:1-12:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukuboza 5

KUTUMVA NEZA

Yohana 10:27

Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi kandi zirankurikira.

Nubwo byizerwa ko Imana ishaka guhora ivugana n’abana bayo hatitawe ku idini, ibara, cyangwa se imyaka, abakristo benshi babaho ubuzima bwabo bataganira nayo. Ese ibi byaba bivuze ko ibyanditswe byaduhaye ihame ridafite uburemere buhagije? Oya! Reka mbisobanure!

Mu myigire y’amajwi, utwuma dufasha kumva dufasha umuntu utumva neza cyangwa se ufite ubumuga bwo kutumva. Utu twuma dukoresha indangururamajwi ifata amajwi ari ahamukikije, inyakiramajwi ikayatunganya, maze indangururamajwi igasohora ijwi ritunganye mu gutwi.

Nubwo umuntu ufite ubumuga bwo kutumva aba akikijwe n’ijwi, aba akeneye akuma kamufasha kumva kugira ngo abashe kuryumva. Muri ubwo buryo, Imana ihora ivuga, ariko ukeneye ijambo ryayo kugira ngo amatwi yawe n’umwuka biyumve neza! Injira byimbitse mu byanditswe maze utyaze umwuka wawe kugira ngo wumve ijwi ry’Imana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yanjye iracyavuga! Nteze amatwi neza kugira ngo nyumve nkurikiza Ijambo ryayo. Sinatsindwa! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 13:15

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 1 Abakorinto 12:12-15:28

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukuboza 6

UKORESHA IJAMBO

Abefeso 6:17

Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana.

Gukoresha inkota ni umwe mu myuga ihamyeye kandi isaba kugira intego kandi udahusha, uyu mwuga urubashywe kandi uratinyitse, umaze imyaka irenze igihumbi. Igihe Pawulo yandikiraga itorero ryo muri Efeso, avugaga ko Ijambo rimeze nk'inkota y'umwuka, ashimangira ko ridahusha, rifite imbaraga kandi rifite intego. Ibi bigaragaza ukuri kw'Ijambo gukomeye. Byinshi mu bibazo byawe bya buri muni bishingiye ku kudakoresha Ijambo nk'intwari irwanya Satani n'imbaraga ze.

Ijambo ry'Imana rirenze kuba imirongo y'ubwenge yanditse ku mpapuro zibumbiye hamwe mugitabo gifunye uruhu; ribitse imbaraga zica abadayimoni. Ushobora guca muri buri gitero cy'umwami neza udahushije kandi neza.

Nk'Umwana w'Imana, ugomba gushyiraho umwami wihariye wo gushyira mu bikorwa no gukura byimbitse mu Ijambo ry'Imana kugira ngo ube ukomeye mu mwaga wawe; URI UKORESHA IJAMBO!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi UKORESHA IJAMBO. Ntwara Ijambo ry'Imana ku rugamba. Mfite imbaraga zo gucagagura imigambi ya satani! Simpisha kandi ndahamya mu gukurikiza Ijambo ry'Imana uyu muni! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:12

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abakorinto 15:29-16:24; 2 Abakorinto 1-2

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukuboza 7

UMURYANGO UJYA KU NDEGE

Matayo 25:1-4

Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n’abakobwa cumi bajyanye amatabaza yabo, bajya gusanganira umukwe. Ariko muri abo cumi, abatanu bari abapfu, abandi batanu bari abanyabwenge. Abapfu bajyanye amatabaza yabo ntibajyana n’amavuta, ariko abanyabwenge bo bajyana amavuta mu mperezo zabo hamwe n’amatabaza yabo.

Abakristo bakunze kuvuga ko bazajyana “n’indege ya mbere” ku munsu wo gutwarwa kw’itorero. Ariko, bacye niba bita ku ngaruka zo kubura muri icyo ndege. Ka mbisobanure. Iyo ugiye kugenda n’indege, ugura itike yaho ugiye n’amasaha ugendera. Ariko icyo utagereye ku gihe ku muryango ujya ku ndege, uba ufite ibyago byo kutagenda n’icyo ndege wari wakatishije. Ibi rero bisa nko kubura mu “ndege ya mbere” bifite ingaruka z’ibihe byose.

Muri uyu mugani, Umwami Yesu agaragaza akamaro ko kwitegura mu buryo bw’umwuka, bigaragazwa n’amahitamo y’abakobwa yo gutegura amatabaza yabo n’amavuta. Asobanura kandi impamvu yo kugirana umubano ukomeye hamwe na we. Jya uhora witeguye umunsu wo kujyanwa kw’itorero; uzasange uri gukora umurimo w’Imana kandi wandika amateka y’ubwami bw’Imana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

NITEGUYE KUTARWA KWITORERO KU MUNSI W’UMUZUKO! Numva neza uburemere bwo kujyanwa mu ba mbere njya mu ijuru. Mu mwanya wagenwe, nzaba niteguye ndi ku muryango w’abajya ku ndege! Haleluya! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 24:42-44

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsu: 2 Abakorinto 3-7

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukuboza 8

SINANYEGANYEZWA

Ibyakozwe n'Intumwa 20:24

Ariko sinita ku bugingo bwanjye ngo nibwire ko ari ubw'igicro kuri jye, kuko nkwiye kurangiza urugendo rwanjye n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu, wo guhamya ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

Ese uzakorera Imana utitaye ku biguca intege? Abakristo benshi basubiza “Yego!” Nyamara ibikorwa byabo bya buri muni akenshi bigaragaza ibitandukanye. Miliyoni z'abantu banze gukorera Imana kubera igitutu bashyizweho n'imbuga nkoranyambaga cyangwa se amagambo aca intege babwiwe n'inshuti n'umuryango.

Umurongo w'uuyu muni ugaragaza neza kumvira Umwuka Wera kw'Intumwa Pawulo uko yagendaga, azi neza gutotezwa kumutegereje aho yari agiye. Yirengagije ibyago byose byari mu murimo yakoraga, maze ahamya ashize amanga ko ati: nta kintu na kimwe muri ibyo cyanyeganyeza, kandi simbara ubuzima bwanjye nk'ubw'agaciro kuri njye. Yanze kunyeganyezwa n'imbere y'urupfu! Nk'Umwana w'Imana, gira uko gushira amanga maze wamamaze umurimo Kristo yamaze gukora mu isi, wirengagije ibyo ushobora guhura na byo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpisemo gukurikira Kristo ntitaye ku bindwanya! Nta gitero cy'umwanzi gifite ubushobozi bwo kunyeganyeza. SINANYEGANYEZWA! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 15:18

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: 2 Abakorinto 8-12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukuboza 9

IMBABAZI

Abefeso 4:26

Nimurakara ntumugakore icyaha, izuba ntirikarenge mukirakaye.

Icyanditswe kitubwira kutareka ngo izuba rirenge tukirakaye. Rero, niba icyakurakaje cyabaye isaha mbere y'uko izuba rirenge, uba usigaranye isaha imwe yo kubabarira ugakomeza kubaho! Ese mbababariye bakongera kungirira nabi umunsi ukurikiyeho? Babarira nanone.

Muri (Matayo 18:21-22), Yesu yaravuze ngo tujye tubabarira inshuro “mirongo irindwi karindwi”, bigaragaza inshuro zitagira umupaka. Mu by'ukuri, yashakaga kuvuga ko ushobora kubabarira, “inshuro zose ugiriwe nabi,” kuko ufite ubushobozi bwo kubikora.

Abakristo bamwe babika inzika igihe kirekire, bakibuka inabi bagiriwe nk'aho byabaye ejo. Ariko niba Imana yarakubabariye, ni iki cyaba kikuremereye cyane utababarira? Iyo wabyawe n'Imana, kamere yawe iba iyo kubabarira. Ujye uhora usaba imbabazi, cyangwa se ubabarire, kandi ubikore vuba. Ufite kugeza izuba rirenze!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uhereye uyu munsi, mpisemo kubona abandi nk'uko Imana ibabona. Nta muntu ntababarira nta n'ikibi ntasabira imbabazi. Mfite ubushobozi bwo kubabarira abandi amakosa yabo, kandi mbababariye mbikuye ku mutima aka kanya mu Izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Mariko 11:25; 1 Yohana 1:7-10

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: 2 Abakorinto 13; Abagalatiya 1:1-4:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukuboza 10

GUHINDURA AMAHANGA

Zaburi 2:8

Nsaba nzaguha amahanga ngo abe umwandu wawe, N'abo ku mpera y'isi ngo ubatware.

Iyo Imana ivuze ngo “nzaguha amahanga abe umwandu wawe,” Iba ivuga ibyo guhindura abantu ukoresheje ubutumwa bwiza no gukiranuka kw’Imana. Intumwa zarabikoze ziduha urugero rwo gukurikiza.

Igihe Pawulo yigishaga muri Efeso, yahuye n’ibimurwanya byinshi, ariko ntibyahagaritse ubutumwa bwiza. Yagendaga ava mu gihugu kimwe aya mu kindi, azi neza ko amahanga ari umwandu we; nta buryo yashoboraga gutsindwa. Bibiliya iravuga ngo, “uko niko Ijambo ry’Imana ryagwiriye cyane, rikomeza kuganza” (Ibyakozwe n’intumwa 19:20). Igitera impinduka nk’izi ni ugukomeza gusenga.

Iyirize kandi utinde mu masengesho usengera igihugu cyawe, intara, umujyi, ikigo cy’amashuri, aho ukorera, n’ahandi, kandi ntagushidikanya, Ijambo ry’Imana rizagwira aho hantu rihaganzwe. Ni wowe byiringiro n’igisubizo amahanga akeneye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzabwiriza Ubutumwa Bwiza neza ku barimbuka, bibakure mu mwijima bibazane mu mucyo mwinshi w’Imana. Ijambo ry’Imana riraganje mu mujyi ntuyemo, mu gihugu cyanyje, ndetse no ku isi hose mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Timoteyo 2:1-2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abagalatiya 4:12-6:18; Abefeso 1:1-14

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ukuboza 11

UBUZIMA BWIMBITSE MU MANA

Abakolosayi 3:2-3

Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mu si, kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe na Kristo mu Mana.

Abavugabutumwa benshi bakunze kuvuga cyane ku gupfa kuri kamere, ariko icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko twamaze gupfa. Ntabwo ukeneye "gupfa" nanone kugira ngo ukorere Imana kandi uhange ibitekerezo byawe cyangwa se amarangamutima yawe ku by'umwuka. "Kuko mwapfuye" bisobanuye ko uri umuntu mushya, icyaremwe gishya kitigeze kubaho ukundi.

Wapfuye ku by'isi, kandi isi nayo irapfuye kuri wowe (Abagalatiya 6:14). Haranira gusenga, kuramya, kwiga no gutekerezwa ku Ijambo. Ubu ni bwo buzima bwawe bushya muri Kristo; bigire intego muri iki gihe cyo kwiwiriza. Ite ku Mana cyane, no ku bwami bwayo bw'Ijuru. Kunda Imana n'umutima wawe wose kandi ureke iby'umwuka bibe ingenzi kurusha ibindi bintu byose byo mu buzima bwawe. Reka ubu buzima bwimbitse muri Kristo bube ibiyumviro byawe bya buri gihe kuva uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura aka kanya ko nkangukiye kumenya imbaraga ziri muri nje no kumenya uwo ndi we muri Kristo. Nerekeje amaso yanjye ku biri hejuru kandi mpisemo kujya byimbitse muri Kristo mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 2:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abefeso 1:15-5:15

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukuboza 12

IMPINDUKA IZANWA N'UBUKRISTO

Matayo 5:14

Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha.

Muri ibi bihe bya nyuma, isi yangiritse ikeneye byihutirwa Ijambo ry'Imana. Abakristo nibo bagomba kuzana impinduka, nibo mucyo ugaragaza amabara y'Imana(Uko Imana iteye), nk'uko icyanditswe cy'uyu munsu kibivuga. Wavukiye kuba igisubizo cyo gutaka kw'abakene. Ni yo mpamvu, ugomba gukoresha ubwiza wahawe; ukagaragaza imico myiza no gukiranuka kwa Kristo kuri mu mwuka wawe.

Uko wiyiriza ukanasenga uyu munsu, wibuke ko ubukristo bugira umumaro ungana n'ubwo umukristo yagize. Niba ari wowe gusa wuzuye Umwuka Wera mu gace kawe, mu mujyi cyangwa se mu gihugu, hagomba kugaragara impinduka idasanzwe yazanywe n'ubutumwa bwiza aho hantu. Hindura isi yawe, hindura ubuzima bw'abantu ukoresha Inkuru Nziza, kuko ibyo ari byo Umwuka Wera ashaka kandi agambirira ku buzima bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura mu butware bw'Umwuka ko amahanga azahindurwa bikomeye n'ubutumwa bwiza uko amajwi y'Abakristo azarangurura mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Habakuki 2:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Abefeso 5:15-6:24; Abafilipi 1-2

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukuboza 13

KUGUBWA NEZA NO GUKIRA NI IBYANJYE

3 Yohana 1:2

Ukundwa, ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umutima wawe uguwe neza.

Ubutunzi bw'ibifatika bufatwa nk'ubugaragaza kugubwa neza, ni yo mpamvu benshi bahuza ubutunzi n'amafaranga; ariko birenze ibyo.

Ubutunzi ni ibintu byinshi. Ni ubushobozi bwo gukora icyo ushaka gukora, kuja aho ushaka kuja kandi ukaba uwo ushaka kuba kubw'icyubahiro cya Kristo! Ni ubushobozi bwo gutunganira Imana, kugendana n'Umwuka, kandi ubwiza bwayo bukigaragaza mu buzima bwawe! Ni ubuzima bwuzuye umunezero n'ibitwenge! Kandi birenze kure cyane kugira ibifatika, ubutunzi ni ubushobozi bwo gufasha abandi kugubwa neza.

Bibiliya ivuga ko Yozefu yari umutunzi (Itangiriro 39:2) kuko ari we watumye inzu ya shebuja Potifari itunganirwa. Wagenewe kugubwa neza atari gusa mu mwuka, ahubwo no mu mitekerereze, no ku mubiri ndetse no mu bifatika, ariko kandi ukanatuma abandi bagubwa neza. Ubwo ni bwo butunzi nyabwo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ngo ubutunzi buze kuri nje aka kanya. Ijambo ry'Imana riraganje mu mubiri wanjye no mu mafaranga yanjye. Umuryango wanjye n'abandi bazatunganirwa kubera nyewe mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Gutegeka kwa kabiri 8:18; 2 Abakorinto 8:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abafilipi 3-4, Abakolosayi 1

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukuboza 14

UMURYANGO WANJYE

Yosuwa 24:15

Kandi niba mutekereza ko ari bibi gukorera Uwiteka, uyu muni nimwitoranyirize uwo muzakorera, niba ari izo mana ba sogokuruza bakoreraga zo hakurya ya rwa ruzi, cyangwa imana z'Abamori bene iki gihugu murimo, ariko jye n'inzu yanjye tuzakorera Uwiteka.

Yosuwa yari asobanukiwe imbaraga z'umuryango. Yegereje gupfa, yahuriye hamwe abayobozi b'Abisirayeli kugira ngo abahe ubutumwa bwa nyuma, abibutsa imigisha Imana yabahaye ha mbere (Yosuwa 24:1-14) kandi abashishikariza kuguma gukiranukira Imana. Ageze hagati mu butumwa bwe, yatuye amagambo adasanzwe benshi bakunze gusubiramo bakanayashyira mu nzu zabo: "Ariko nje n'inzu yanjye, tuzakorera Uwiteka."

Reba uko Yosuwa yabigize ubutumwa bwe bwite? "Ariko nje." Dore iki nicyo bisobanuye. Ugomba guhitamo gukorera Imana. Ntabwo bizaza ari impanuka, kandi ntushobora kubikura ku babyeyi bawe. Abandi bashobora gutanga umurage wo wizera, ariko wowe ugomba guhitamo kubigira ibyawe bwite.

Muri iki gihe cy'iminsi mikuru, mugire amahitamo yo gukorera Imana nk'umuryango. Ni yo mpano ikomeye watanga. Musomere Ijambo hamwe, musengere hamwe kandi mukurire hamwe. Mukureho umwiryane wose, mubabarirane mubane mu mahoro kandi mureke urukundo rubayobore. Mutangire uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko nje n'umuryango wanjye tuzakorera Imana n'umutima wacu wose. Ntanumwe muri twe uzasigara inyuma. Inzu yacu ni inzu irimo Imana mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 133:1, Ibyakozwe n'intumwa 10:2

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abakolosayi 2-4; 1 Abatesalonike 1:1-2:1

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukuboza 15

IHANURIRE

1 Timoteyo 1:18

Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugira ngo buduheshe kurwana intambara nziza,”

Bibiliya yuzuyemo amagambo y'imigisha ndetse n'ubuhanuzi bwerekeye ubuzima bwawe. Ese ubona uburemere bwayo? Ni iki wakoresheje ubuhanuzi bwose bwakuvuzweho, harimo n'ubwanditse muri Bibiliya bwerekeye ubuzima bwawe? Bamwe baravuga bati, “sinigeze ngira umuntu wampanuriye iby'ubuzima bwanyje” Rero ihanurire!

Imana yavuze ko buri Mukristo agomba kwifuzza impano yo guhanura kuko ari impano y'ingenzi cyane. Mu murongo w'uyu muni, Timoteyo abwirwa kurwana intambara nziza akoresheje ubuhanuzi bwavuzwe ku buzima bwe. Ibi bisobanura ko yabukoresha nk'intwari. Kuko iri ari Ijambo ry'Imana, ntirireba gusa Timoteyo, nawe warikoresha. Mu gihugu cy'Inkuru Nziza, turi abantu bagendera ku buhanuzi, tugizwe n'ubuhanuzi; guhanura ni ibisanzwe kuri twe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko buri jambo ryavuzwe kuri njye rizasohora, ritaye ku mbogamizi. Ndatura umuriro ngo uze maze utwike buri kimwe cyose gishaka kunsubiza inyuma aka kanya, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Daniyeli 11:32b; 1 Abakorinto 14:39

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abatesalonike 2:13-5:28; 2 Abatesalonike



Kuwa Kabiri, Ukuboza 16

UBUZIMA BW'UBUMANA

3 Yohana 1:2

Ukundwa, ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umutima wawe uguwe neza.

Umurongo w'uyu muni uravuga uti: “Mukundwa, ndagusabira kugubwa neza muri byose, ube “MUTARAGA,” ntuvuga ngo “UKIRE.” Ibi bisobanuye ko umugambi w'Imana kuri wowe ari ukubaho ubuzima bw'ubumana! Ntishaka ko urwara umutwe, ibicurane n'umuriro; ntugomba kurwara diyabete, igifu, cyangwa se ngo umare amasaha kwa muganga. icyo Imana yifuza nuko nta ndwara n'imwe yakugeraho!

Hariho ubuzima buruta gukira indwara. Imana ntishaka ko uba mu buzima bwo gukira indwara imwe ku yindi buri gihe. Ishaka ko ugera ku rwego rw'intsinzi, aho udashobora kurwara kandi usobanukiwe ubuzima bw'ubumana, buruta cyane gukizwa indwara n'Imana. Uri icyaremwe gishya muri Kristo. Indwara ni izo mu isezerano rya Kera! Baho mu kuri k'ubuzima bw'ubumana uhereye uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bw'ubumana ni umurage nahawe n'Imana. Guhera uyu muni, ndahanura ko iyo ndwara itazangeraho; umuriro no gutengurwa uko ari ko kose, udukoko cyangwa virusi, ntibizigera byegera aho ntuye, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:11; Yesaya 33:24

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Timoteyo 1-5

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukuboza 17

KURAMA

2 Timoteyo 1:10

...wahinduye urupfu ubusa akerekanisha ubugingo no kudapfa ubutumwa bwiza.

Hari abantu bamwe muri Bibiliya babayeho imyaka irenga 900. Ariko uko icyaha cyagendaga cyiyongera, niko imyaka yo kubaho yagabanutse cyane (Itangiriro 6:3). icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko Umwami Yesu yakemuye imbogamizi z'ubuzima burambye, ari yo icyaha. Abinyujije mu gitambo cye, yatuzaniye agakiza kadukuraho icyaha kandi atuma ubuzima buhoraho bushoboka.

None se, ntugomba gupfa? Yego rwose! Dufite ubushobozi bwo kubaho hejuru y'imbogamizi zose ziri mu isi. Benshi muri twe bazaba bakiriho kandi bazatwarwa bakiri mu mubiri igihe impanda izavuga. Itorero rigomba gutangira gufata no kugendera muri uku kuri guhambaye. Ufite ubuzima bw'Imana, ubuzima bw'ubumana. Ubwo buzima ntibugengwa n'indwara cyangwa se urupfu! Usangiye n'Imana kamere yayo y'ubumana. Niba Imana itarwara cyangwa se ngo ipfe, nawe ntugomba kuguma mu gikombe cy'urupfu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagaze nemye ku Ijambo ry'Imana, ari ryo magara mu mubiri wanjye n'ubuzima mu magufwa yanjye. Uko natura nonaha, amagambo yanjye asohoye imbaraga zirekura imbaraga z'Imana ngo zireme urukuta runkikije rutinjirwamo, bimpesha kurama mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 91:16; 1 Abatesalonike 4:16-17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Timoteyo 6; 2 Timoteyo 1-4

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kane, Ukuboza 18

INTSINZI NI IYANJYE

Kuva 17:11

Mose yamanika amaboko Abisirayeli bakanesha, yayamanura Abamaleki bakanesha.

Mu rusengero dukunze kuvuga ngo, "Muzamure amaboko yanyu," haba mu isengesho, mu kuramya cyangwa mu guhimbaza. Kubera iki? Ni uko hari imbaraga mu maboko yawe zizana intsinzi. Pawulo, yandikira Timoteyo, yaravuze ati: "ndashaka ko abagabo basenga hose, barambuye amaboko yera..." (1 Timoteyo 2:8).

Itgereze neza umurongo w'uyu muni. Mu rugamba rwo kurwanya Abameleki, Aroni na Huri babonye ko intsinzi ya Isirayeli yagendanaga no kuba Mose azamuye amaboko ye. Igihe yaninirwaga, bamwicajye ku rutare, maze buri umwe afasha kuzamura amaboko kuri buri ruhande, bakomeza kuyazamura kugeza ubwo Abamaleki batsinzwe. Kuzamura amaboko ni uburyo bw'Umwuka bwo kukuzanira intsinzi ihoraho. Bishobora kudasobanuka mu bwenge bwa muntu, ariko byumvikanira mu kwizera! Niba byarakoze mu gihe cya Mose, bizanakora kuri wowe uko uzamura amaboko yawe kandi ugahamya intsinzi yawe uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nzamura amaboko yanjye mu isengesho, buri ngorane yose mpura na yo uyu muni, namaze kuyitsinda! Ndatara intsinzi mu byo nkora byose mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 5:4; Zaburi 63:4

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Tito 1-3; Filemoni 1; Abaheburayo 1:1-2:10

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukuboza 19

ISI Y'INKURUNZIZA (THE GOODNEWS WORLD)

Abaroma 8:14

Abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose ni bo bana b'Imana.

Icyanditswe cy'uyu muni kivuga ku gukura mu mwuka. Kivuga ku bana b'Imana bamaze gukura byuzuye, bamwe batazakora keretse bayobowe n'Umwuka Wera.

Nk'umuntu ukurikiye iyerekwa ry'Isi y'InkuruNziza, wige kuyoborwa n'Umwuka mu Ijambo ry'Imana, biciye mu Ijambo ry'Imana kandi ukoresheje Ijambo ry'Imana. Ntugafate icyemezo gikomeye mu buzima bwawe utabanje kugisha Imana inama. Fata umwanya wo gushaka kumenya aho ikuyobora; wihangane kugeza igihe wumvishije ijwi ryayo, Amagambo yayo mu mwuka wawe kandi ntuzigere urwanya ibyo yavuze mu Ijambo ryayo. Uko niko gukura nyakuri.

Kugira Umwuka Wera nka GPS y'ubuzima bwawe, ikarita ndetse n'indangahantu ikuyobora bizatuma ugera ahantu heza cyane mu buzima bwawe n'ubw'itorero. Spirit Embassy ni wowe, Ambasade y'Umwuka w'Imana. Niba uyoborwa n'Umwuka n'itorero riyobowe n'Umwuka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri mvugo iva mu kanwa kanjye, buri ntambwe nteye, n'icyemezo cyose mfata biyobowe n'Umwuka w'Imana. Nzahindura isi yanjye n'ishami ry'itorero ndimo kugira ngo birushaho kuba byiza mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 5:2-3; 1 Yohana 1:6-7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abaheburayo 2:11-6:20

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukuboza 20

GUSENGERA ABAYOBOZI

Abaroma 15:30

Nuko ndabingira bene Data, ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo, no ku bw'urukundo ruva ku Mwuka, ngo mushishikarane nanjye kunsabira Imana.

Mu nyandiko ze nyinshi, Intumwa Pawulo yasabaga abera kumusengera, azi ko amasengesho yabo yongerera imbaraga n'ubushobozi mu murimo we, uko ni ukuri kugihari n'uyu muni. Nk'Umukristo, uhamagariwa gusengera abayobozi Imana yaguhaye ngo bakuyobore, ubikora kubera Umwami Yesu Kristo kandi kuko ukunda Umwuka w'Imana.

Nukomeza gusoma, urabona ko ayo masengesho agirira inyungu ikomeye Umubiri wa Kristo. Pawulo yasobanuye uko aya masengesho afasha ubwami bw'Imana. Iyo usengeye abayobozi bawe, benshi baza kuri Kristo, ubuzima bw'abantu burahinduka kandi Izina rya Yesu rishyirwa hejuru. Kumenya ko abera bari kubasengera birabakomeza ndetse n'abatoranijwe nk'abayobozi b'Itorero. Bahagarara bahamye kandi bemye imbere ku rugamba, bazi neza ko uzamuye amaboko yabo mu isengesho. Bigire intego guhora ubasengera kenshi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kurama, ubuzima bw'ubumana, amahoro n'umunezero ku bari mu buyobozi! Ndatura guhabwa imbaraga nshya zo gukora ibirenzeho mu Bwami bw'Imana kugira ngo ubugingo bwa benshi buze kuri Kristo mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 6:19; Abakolosayi 4:3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abaheburayo 7-10

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukuboza 21

ICYIFUZO CY'IMANA

Matayo 9:37-38

Maze abwira abigishwa be ati “Ibisarurwa ni byinshi, ariko abasaruzi ni bake. Nuko rero mwinginge nyir’ibisarurwa, yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye.

Ni gake cyane Imana igira ibyifuzo byo gusengera, ariko iki ni kimwe muri byo. Iyo ibikoze, igaragaza ibyifuzo by’umutima wayo, ikaguha amahirwe yo kwifatanya na Yo mu gusohozza umugambi wayo ku isi. Iyi kandi ni yo Mana yavuze ngo, “ndamutse nshonje, sinababwira” (Zaburi 50:12). Ariko ifata umwanya wo kumenyekanisha ibyifuzo byayo. Ibyo bikumvisha uburyo ari ingenzi.

Icyo Data ashaka kurusha ibindi ni abasaruzi, bamwe biteguye kujya hanze bagasarura ubugingo bw’abantu butegereje kwakira agakiza. Iki gihe cya Noheli ni ho hari amahirwe akomeye yo gusubiza iri sengesho ry’Imana. Ubugingo ugiye gukiza bwamaze kwitegura, burategereje, rero nta mpamvu yo kubisengera. Igikenewe ni abasaruzi. Ibi ni byo bitekerezo by’Imana, bisohoze nonaha!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko ndi igisubizo cy’icyifuzo cy’Imana, ndi umusaruzi ukora neza kugira ngo nzane ibisarurwa byinshi byo mu bihe bya nyuma. Umuntu wese mpura na we utazi Imana arayiyegurira uyu muni maze abeho ku bwayo mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 4:35

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Abaheburayo 11:13

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukuboza 22

YESU YARABIKOZE

Abakolosayi 1:27

abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza.

Imwe mu mpamvu ikomeye cyane twizihiza Noheli ni ukubera ko Kristo yasohoje umugambi we! icyo yavukiye gukora, yaragikoze! icyubahiro ni icy'Imana, Haleluya! Tekereza ingaruka zari kutugeraho iyo atuzuza ubutumwa bwe. Ubuzima bwacu bwari kuba ari ubusa, butabasha kwihanganirwa kandi butagira ibyiringiro. Ariko yaraje, abaho, arapfa, maze arazuka kugira ngo nyewe nawe tubeho by'ukuri.

Hanyuma rero yo guhurira hamwe, amafunguro, umuziki, n'ubusabane, Noheli ni iyo gutekereza kuri Kristo, uwo ari we n'impamvu yaje. Muri (Matayo 1:23) haravugaga ngo, “dore umwari azasama inda kandi azabyara umuhungu, azitwa Imanweli (bisobanuye ngo “Imana iri kumwe natwe”).” Imana iri kumwe natwe; nituri twenyine! Umuremyi atuye hagati mu biremwa bye, mbega umugisha!

Iyi Noheli, wibuke: yagize isabukuru ariko nitwe twabonye impano!

Reka twishimire impano ari yo Kristo uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Hamwe na Kristo uri muri njye, ntibishoboka ko ntsindwa! Ubwiza bwe buzabagira kurushaho mu buzima bwanjye uhereye none, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 1:14

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yakobo 1:1-4:10

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukuboza 23

AHANTU H'IMBARAGA

Abefeso 1:20-21

Izo yakoreye muri Kristo ubwo yamuzuraga mu bapfuye ikamwicaza iburyo bwayo ahantu ho mu ijuru, imushyize hejuru y'ubutware bwose n'ubushobozi bwose, n'imbaraga zose n'ubwami bwose, n'izina ryose rivugwa uretse muri iki gihe gusa, ahubwo no mu bihe bizaza.

Hari abantu bavuga ngo: “Uyu ni icyegera cyanyje”, bivuga ko amuhagarariye cyangwa se ashobora kuvuga mu mwanya we. Ni muri ubwo buryo, iyo Bibiliya ivuze ngo Yesu yicaye iburyo bwa Data, bisobanuye ko afite intebe y'ubutware, Imana ikorera muri We.

Umwami Yesu afite ubutware butagereranywa hejuru y'ibintu byose; Izina rye riri hejuru y'amazina yose, kandi ubutware bwe buruta izindi nzego zose z'ubutware n'imbaraga. Icyiza kurushaho ni uko nawe usangiye na we ubwo bubasha! Uwo ni we Yesu Kristo duhimbaza uyu muni, si uruhinja ruri mu muvure! Ubutware bwe ntibugira umupaka, kandi ntawagereranywa na We. Haleluya! Uyu muni, ugende uzi neza ko ufite ubutware bwose hejuru y'ibikorwa byose by'umuni.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nicaye ku ntebe y'imbaraga n'ubutware muri Kristo! Buri bubasha bwose afite, nanjye ndabufite. Mfite imbaraga zidasanzwe kandi narahiriwe cyane, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 1:1-3

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yakobo 4:11-5:20; 1 Petero 1:1-3:12



Kuwa Gatatu, Ukuboza 24

GARAGAZA URUKUNDO RWawe

Abefeso 3:19

Mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa, ngo mwuzuzwe kugeza ku kuzura kw'Imana.

Mu gihe cya Noheli, biroroshye kuvuga ngo “Ndagukunda”, ni kimwe mu bigize “Umwuka wa Noheli.” Gusa bamwe bitiranya kwihanganirana n'urukundo, bakabyita ko ari bimwe. Mu gitabo cy'Abalewi 19:18, Bibiliya iravuga iti: “ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.” Ijambo “mugenzi wawe” hano risobanura abari hafi yawe, inshuti, abavandimwe, abo musengana, atari abaturanyi bawe gusa. Ariko se ni bangahe bavuga ko bafata abandi neza nkuko bo biyitaho?

Umwami Yesu Kristo yaraje agaragaza urukundo rw'Imana mu buryo butandukanye. Yaravuze ati: “nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze” (Yohana 15:13). Yatweretse urukundo nk'uko Imana irubona, kandi ntiyarubwirije gusa ahubwo yararutweretse. Muri iki gihe cya Noheli, bigire intego kugaragariza abandi urukundo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Urukundo rw'Imana rwasaze mu mutima wanjye; ni yo mpamvu, gukunda abandi bizanyorohera. Nzagaragaza uru rukundo kurushaho muri iki gihe cya Noheli mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 2:20

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Petero 3:13-5:14; 2 Petero 1-2



Kuwa Kane, Ukuboza 25

UBUTUMWA BWA MALAYIKA

Luka 2:11-14

Kuko uyu muni Umukiza abavukiye mu murwa wa Dawidi, uzaba Kristo Umwami... Muri ako kanya haboneka ingabo zo mu ijuru nyinshi ziri kumwe na marayika uwo, zisingiza Imana ziti “Mu ijuru icyubahiro kube icy’Imana, No mu isi amahoro abe mu bo yishimira.

Mbega ubutumwa bwiza bwo kwakira, umunsi ibintu byose byahindutse byiza ku bwanjye nawe, haleluya! Yesu yavukiye gusohozza ubushake bwa Data, yabaye urukundo rw’Imana rwigaragaje. Yabaye umwana w’Intama watambwe, yishyura ikiguzi cy’agakiza kandi azana abantu mu mubano n’Imana.

Tekereza Imana Izi byose, Ishobora byose, Ifite imbaraga yahisemo ko itazakureba uri kubaho ubuzima bwawe wenyine ahubwo igena umugambi wo kugira ngo ize ibane nawe ndetse muri wowe. Aho ujya hose, icyo ukora cyose, iba iri kumwe nawe aho uri. Iki nicyo kintu cy’agaciro gahambaye cyahawe umuntu. Himbaza ivuka rye uyu muni, uzi neza icyo ryakuzaniye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko iminsi yanjye yose yo kubaho, sinzigera nibagirwa impamvu nyamukuru ya Noheli. Nzusakaza ubu butumwa bw’ineza kuri buri wese uri mu Isi. Urakoze, Mwami Yesu! Haleluya! Icyubahiro ni icy’Imana. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 4:7

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 2 Petero 3; 1 Yohana 1:1-3:12

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatanu, Ukuboza 26

URI HEJURU YANJYE

Abafilipi 2:3

Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta.

Tekereza uramutse ugeze ku kazi kawe cyangwa kuri kaminuza wigamo ugasanga umukinnyi wa filime wa mbere ku isi ari we ugiye gucunga icyumba wigiramo cyangwa ariwe ugiye kukwigisha? Benshi bakora ibishoboka byose kugira ngo bamwakire neza, ndetse hari n'abatanga amafunguro yabo ya ku manywa kugira ngo bamwubahe. Icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko tugomba kubigenza gutyo ku BANTU BOSE!

Ijambo “kubaha” rikomoka ku kigiriki hēgéomai, bisobanuye kwita ku bintu. Bisobanuye ko uhitamo kubona abandi nk'ab'ingenzi kukurusha, bikagenda uburyo ubafata, baba ari ibyamamare cyangwa se abantu basanzwe. Tekereza twese tubaye tubayeho gutya, twicisha bugufi tukubaha abandi kurushaho, ibibazo byinshi byo mu isi byavaho.

Nk'uko dutangiye gutekereza ku mwaka mushya, ihatire gufata abandi nk'ab'ingenzi kukurusha kandi ushyire imbere ibyo bakeneye. Ibyo ntibizagukuramo kwikunda ufite gusa, ahubwo bizanigisha abagukikije isomo rikomeye ryo kwitangira abandi!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka ugiye kuza, nzerekana ubwitange birenze uko byari bisanzwe. Abantu bazabona Kristo binyuze muri nje mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 4:6

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Yohana 3:13-5:21; 2 Yohana ; Yuda 1:1-16

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatandatu, Ukuboza 27

URARINZWE HAGATI Y'AMASEGA

Luka 10:3

Nimugende, dore mbatumye mumeze nk'abana b'intama hagati y'amasega.

Kuba waroherejwe nk'intama hagati y'amasega bishobora kuba bidasa nk'inyungu ihambaye. Kuko n'ubundi amasega aya intama. Ubundi, intama ni inyantege nke ku kigero k'umwungeri uzirinda.

Umwami Yesu Kristo, Umushumba wacu Mwiza, yatanze ubuzima bwe kugira ngo tubone ubuzima bw'ubudendezo (Yohana 10:10-11). Yameye gupfa kugira ngo aguheshe ubuzima, akurinda ubugome bw'amasega y'inkazi. Yishyuye ikiguzi gihenze kurusha ibindi kugira ngo ikurinde icyaguhungabanya.

Uri muni y'uburinzi kandi uyoborwa n'Umushumba Mwiza. Ntabwo akohereza mu isi wenyine kandi ntazigera agutererana, rero ntuzagire icyago utinya. Uko witegereza umwaka mushya, Umushumba wawe Mwiza aragushyigikiye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko ngenda mu muni wanjye, nta cyago cyangeraho nje n'umuryango wanjye. Ndagiwe n'Umushumba wanjye Mwiza, wandinze akampisha ibyago. Haleluya! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ezekiyeli 34:11-16

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uho muni: Yuda 1:17-25; Ibyahishuwe 1-4

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Cyumweru, Ukuboza 28

GUHABWA N'IMANA BIDASANZWE

Gutegeka kwa kabiri 29:5

Ntimurye umutsima, ntimunywe vino cyangwa igisindisha, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu.

Igihe abantu b'Imana bajyaga mu gihugu cy'isezerano, imyenda yabo ntiyashaje, n'inkweto zabo ntizacitse. Uko ni uguhabwa n'Imana mu buryo bw'ibitangaza! Ntiwirengagize ko byamaze imyaka mirongo ine, ni iminsi 14,600 yuko guhabwa kw'igitangaza!

Mu buzima busanzwe inkweto zigomba gusimbuzwa buri mezi umunani kugera kuri cumi n'abiri. Nyamara inkweto z' Abisirayeli zamaze amezi 480 zitarakenere gusimbuzwa! Ese bagumye ku kigero kimwe cyangwa se bagumanye ingano imwe y'ikirenge mu myaka mirongo ine? Oya. Imibiri yabo yarakuraga, ikiyongera kandi igahinduka, ariko mu buryo bw'igitangaza Imana yarabarinze, ntibigeze bagira impungenge z'ibyo bakeneye. Ibyo byari uguhabwa ko mu Isezerano rya Kera. Ese Imana ntizagukorera ibirushijeho wowe wavutse ubwa kabiri? Ntugahangayike, Imana iratanga ibihe byose, icyo waba ukeneye cyose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahunura ko guhabwa n'Imana by'igitangaza ari ibisanzwe mu buzima bwanyje! Sinzabura ikintu cyiza icyo ari cyo cyose muri 2026! Akabati kajyamo ibiribwa kanjye kazahora kuzuye, kandi aho mbika imyenda hazasendera! Umuryango wanjye uhawe umugisha mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 9:8

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyahishuwe 5:1-9:11

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Mbere, Ukuboza 29

GARANTI Y'IMANA

Abefeso 1:13

Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe.

Mu bucuruzi mpuzamahanga, abayobozi b'inganda bashyira amazina yabo ku bicuruzwa byabo kandi bakabitangaho garanti, berekana icyizere bafite mu bwiza bwabyo bagasezeranya ko nibyangirika mu gihe runaka, bazabikosora cyangwa bakabisimbuzza.

Mu buryo bumwe, washyizweho ikimenyetso n'izina ry'Umuremyi w'Isi! Umurimo w'Imana yakoze muri wowe ntugira inenge, kandi garanti iguha ku buzima bwawe ntizigera irangira. Buri mugambi w'umwanzi wo kukurwanya, kukwangiza, no guhungabanya ubuzima bwawe ntuzigera ugerwaho. Ubuzima bwawe bushiganishijwe n'ubwishingizi bw'Imana, bikwizeza ko nta bibazo bizakwinjirira. Nugendera muri uku kuri k'umwuka kw'uwo yakugize, uzatunganirwa birenze uko wigeze kubitekereza!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi igihangano cy'ubuhanga bw'Imana! Imana, umuremyi wa byose, yashyizeho amategeko ntarengwa ku mwanzi kugira ngo nagerageza kunkoraho, bitazagira icyo bintwara mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 54:17

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyahishuwe 9:12-14:8

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Kabiri, Ukuboza 30

WARATORANYIJE

Abacamanza 6:15

Gideyoni aramusubiza ati “Ariko Uwiteka, Abisirayeli nabakirisha iki? Iwacu ko turi aboroheje mu muryango wa Manase, nkaba ndi umuhererezi mu nzu ya data yose.

Icyanditswe cy’uyu muni, kivuga kuri Gideyoni, gihishura ukuri kw’ingenzi ku rugendo rwawe rwiza na Kristo. Abakristo benshi bahera hasi ku bipimo byashyizweho n’abandi, aho bari, cyangwa se imibereho yabo. Bashidikanya ku muhamagaro wabo kubera ko bemeye imyumvire y’isi y’abo bari bo. Ariko ibyo wita ko byagenewe kugusubiza inyuma nibyo byashyiriweho kukuzamura kugira ngo ube umurinzi w’umuryango wawe.

Tekereza iyo Gideyoni akomeza kubohwa n’ibitekerezo abandi bamutekerezagaho, ingamba nyinshi yari kuba yarazitsinzwe, byose kubera ko yahinyuje agaciro ke mu Mana! Ubwo turi gusoma umwaka, bona ko kuba Imana yaraguhisemo bihagije kugira ngo urenge imbibi zose mu mwaka mushya. Yaguhisemo nk’umwe mu Bayo, kandi izagukoresha bihambaye kubw’umurimo w’Ubwami bw’Imana uri imbere!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imyaka yanjye ntacyo ivuze; aho mvuka, umuco, ahahise, imiterere yanjye cyangwa se ubwoko nta cyo bihindura ku rwego rw’imigisha nzabonera mu mwaka mushya! NARATORANYIJE! Haleluya. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yosuwa 1:9

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Ibyahishuwe 14:9-18:24

www.goodnewsdailydevotional.com



Kuwa Gatatu, Ukuboza 31

TANGIRA WANDIKE

Zaburi 45:1

... Ururimi rwanjye ni ikaramu y'uwandika vuba.

Nugerageza kubikuza sheki itanditse kuri banki, umukozi wa banki azakubwira ko idakora, kuko nta kintu cyanditseho. None se ni iki ukora? Uyandikaho!

Imana yaguhaye sheki itanditse, uyu muni, ku muni wa nyuma w'umwaka, wemerewe kuyuzuzaho ibyo ushaka kubona mu mwaka mushya. Igihe Salomo yahawe sheki ye itanditseho, yavuze icyifuzo cye, kandi uwo mwanya, Imana yarakimuhaye!

Aka kanya, ukoresheje ururimi rw'uwandika vuba, uzuza sheki zitanditseho n'impapuro zo mu mwaka wa 2026. Koresha ikaramu y'ururimi rwawe utangire wature ku mwaka mushya, ushushanye buri ntambwe yose uzatera. Shyiraho ibyo ushaka kugeraho kandi ubihe igihe wifuza ko bizaba byagezeweho. Atura ubutunzi, ubuzima bw'ubumana, umunezero n'ibindi byose byiza. Ibyo watuye niko Umwaka uzagenda koko!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu mwaka mushya uzaba umwaka wo kungaragaza. Ndatura ko ubuzima bwanjye ari bwiza! Sinzarira amarira y'umubabaro, kandi sinzabura ibitotsi, n'umunsi n'umwe. Umwaka wanjye warateguwe mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 18:21

UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyahishuwe 19-22

www.goodnewsdailydevotional.com

**BYANDITSWE
N'UMUHANUZI
UEBERT ANGEL**

UMWAMI WACU YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubuzima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kuza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9 haravuga hati:

Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremwa byayo.

ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

**TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO
UMWAMI W'UBUZIMA BWawe
MU GUSENGA IRI SENGESHO;**

**O MWAMI IMANA, NJE IWawe MU IZINA RYA
YESU KRISTO. NIZEYE N'UMUTIMA WANJYE
WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMA-
NA NZIMA. NIZEYE KO YAMPFIRIYE KANDI
IMANA IKAMUZURA MU BAPFUYE. NIZEYE KO
ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATUZA
AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI
UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA
UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE,
MFITE UBUGINGO BUHORAHO; MVUTSE
UBWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUN-
GURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI
UMWANA W'IMANA. HALELUYA!**

**MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA
W'IMANA.**

To receive more information on how you can grow
as a Christian, please get in touch with us on

**UK: +44 3333 448 612 / USA +1 240 781 6942
RSA +27 51 004 0209**

www.uebertangel.org | www.goodnewsworld.com

ICYANDITSWE CY'UBURINZI

YESAYA 54:

14 NUBATSWWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CY-
OSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE
UBWOBA —NTABWO BIZANANYEGERA!

15 UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA,
NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI
IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NAN-
TERA, CYAKIZAVAMO.

16 IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKI IN-
YUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGE-
NEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIM-
BUZI.

17 ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INT-
WARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE
UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYO-
MA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO
ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU
BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA
IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

**IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!**

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH

UMUYOBOZI WAVE WA GIHANUZI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsu ubu iboneka mu byiciro by'ingimbi ndetse n'icy'abana, hamwe n'inyigisho yari isanzweho, biguha ubutumwa bwawe bwa gihanuzi buvuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel buri munsu. Izi nyigisho zandikiwe kukuzana Ijambo ry'Imana rizima kuri buri wese mu muryango wawe. Inyigisho y'abana ibamenyesha kwizera, urukundo, n'amasezerano y'Imana mu buryo babasha kumva kandi bisanzuyemo, naho inyigisho y'ingimbi itanga ubumenyi bwimbitse bwo kubayobora mu buzima bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga. Buri munsu, ujye wakira ubuyobozi bwa gihanuzi bwaremewe urugendo rwawe n'Imana, mu kigero cyose waba urimo! Ntucikanwe n'aya mahirwe maze ubone inyigisho yawe nta kiguzi uyu munsu.



SCAN ME

BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

INKORANYA Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

GURA IYawe
UYU MUNSI!



Gushaka Ijambo ry'Imana: gufungura ubutunzi bw'umwuka buri mu nkoranya y'Inkuru Nziza ya buri munsu. Mu gushaka ubuzima bushinze muri Kristo byimbitse, kwiha Ijambo ry'Imana bitanyeganyezwa ni ingenzi. Inkoranya y'Inkuru Nziza ya buri munsu, Igitabo cyayo cya mbere, itanga ubumenyi butagereranywa muri uri rugendo, ikagabanya mu byiciro ubutumwa bwa Kristo kugira ngo ubyige neza kandi ubisobanukirwe ku buryo byoroshye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

IKAZE KU RUBUGA RWACU! BYANDITSWE N'UMUHANUZI UEBERT ANGEL

SURA URUBUGA RWACU

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

    @GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL



Habwa imbaraga za buri muni no gukura k'umwuka usura urubuga w'Inkuru Nziza ya buri muni. Ibira mu Ijambo ryawe rya gihanuzi ry'umuni maze ukusanye amakuru yahindura ubuzima bwawe. Ntucikanywe n'amahirwe yo kujya byimbitse mu kwizera kwawe ndetse ubone umunezero mu Ijambo ry'Imana. Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya buri muni uyu muni!


For more information visit: www.goodnewsdailydevotional.com

You can also send an email to: gnd@goodnewsdailymission.com


Or Call At: **USA: +1 (240) 781-6942 UK: +44 333 344 8612**

ZW: +263 773 195 955 RSA: +27 (51) 004-0209

BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Ngwino mu muryango w'abatangira umunsi bumva inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ku isi yose. Umva Inkuru Nziza ku rubuga rwa Spotify maze igufashe mu rugendo rwawe rwo gukura mu mwuka no kumenya ukuri kwa Bibiliya muni y'ihishurirwa n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel.



BURI MUNSI WADUKURIKIRA



Youtube

Tukugezaho ubuhamya bwabayeho bugaragaza uko inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yagize umumaro ukomeye ku isi yose binyuze ku ruguba rwacu kuri YouTube. Nk'inyigisho ya buri muni ya mbere, yakoze ku buzima bw'imbaga y'abantu, isakaza ubutumwa bwo kwiringira, urukundo n'ukwizera. Mu nyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yabaye igikoreshe gikomeye kizana impinduka mu buzima bwite bw'abantu, itera imbaraga abantu, imiryango n'abana zo kubaho ubuzima bufite intego kandi bwuzuye.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel



SUBSCRIBE NOW

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



BA UMUFATANYABIKORWA UTERA INKUNGA YO GUSOHORA IYI NYIGISHO MU RUNDI RURIMI

Ifatanye natwe mu rugendo rudasanze rwo gutera inkunga no gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza kugira ngo twinjire mu mitima ya benshi ku isi yose. Dufatanyirije hamwe, twasakaza ubutumwa bw'inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana muri buri muji, buri muhanda na buri rugo mu ndimi nyinshi ziri ku isi. Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twabonye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose. Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Byanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

SPONSOR AT: WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM

IBONEKA MU NDIMI NYINSHI



IYEREKWA RYO KUGERA KURI BENSHI KU ISI YOSE RISABA INGENGO Y'IMARI YAKWIRA ISI YOSE ITANZWE NA BENSHI KU ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Mu bufatanye bwanyu budasubirwaho n'inkunga yanyu y'amafaranga tubasha gusakaza inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni kuri buri gice cyose cy'isi tukabwira abatabizi iby'inkuru nziza y'ihishurirwa ry'Umwami wacu Yesu Kristo nk'uko twigishijwe na Nyakubahwa Umuhanuzi Uebert Angel. Tubasha gusemura, tugacapa, kandi tugasakaza inyigisho y'Inkuru Nziza igihe tugiye mu butumwa, muri campaign ya GoodNews On-The-Go, no muri campaign yo gutera inkunga igihugu cyangwa se ururimi kugira ngo tugeze kure ubutumwa bwiza. Ba umufatanyabikorwa n'umunyamigabane muri uyu mukoro w'isi yose maze wifatanye natwe mu kujyana ubutumwa bw'Imana mu mahanga yose ari ku isi muri iyi Ntumwa yacu, ari yo Inkuru Nziza ya buri muni.

Byanditswe
n'Umuhanuzi
Uebert Angel

@GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL

PARTNER AT: WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



For further information on how to
grow as a Christian, please get in
touch with us at:

UK: +44 3333 448 612
USA +1 240 781 6942
RSA +27 51 004 0209
ZWE +263 773 195 955

gnd@goodnewsworld.com
goodnewsdailydevotional.com

SCAN FOR YOUR
FREE DOWNLOAD

